

INYIGISHO YA BURI MUNSI  
IJAMBO RYAWWE RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 2

Mata – Gic - Kame

2  25

# Inkuru Nziza

BURI MUNSI

**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

IYI NYIGISHO YAMAZE  
KWISHYURWA

N'ABAFATANYABIKORWA  
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU  
BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

*Uebert & BeBe*  
**ANGEL**

## UEBERT NA BEBE ANGEL



NHamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubutu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo.

Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'Isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

## UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiye ku nyigisho zizana impanduka ndetse ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka buri mezi ane, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bese ku isi yose.



Kuwa Kabiri, Mata 1

## NTUGWE

### Yuda 1:24

**Nuko Ibasha kubarinda ngo mudasitara, no kubahagarika imbere y'ubwiza bwayo mudafite inenge ahubwo mwishimye bihebuje,**

Abakristo bamwe batwarwa n'inyigisho ziryohera kamere yabo kurusha igice cyabo cy'ubumana. Benshi bita ku byanditswe, cyane cyane ibyo mu Isezerano rya Kera, ntibabashe kubona, ko nk'Abakristo, imyitwarire yacu itegekwa n'amahame y'ubuntu yo mu Isezerano Rishya. Iyo mvuze "Isezerano Rishya," simba mvuga ahari urupapuro rwanditsweho Isezerano Rishya imbere ya Matayo. Mu Baheburayo 9:16-17 hasobanura ko Isezerano Rishya ryatangiranye n'Urupfu rwa Kristo.

Tekereza ku mvugo imenyerewe Abakristo bakura mu Isezerano rya Kera: "Intungane igwa inshuro zirindwi igahaguruka." Nubwo iyi mvugo irimo ukuri, ariko ifite ihishurirwa rito ku Bakristo bo mu Isezerano Rishya. Yuda atubwira ko Imana ishoboye kuturinda kugwa. Gendera muri uku kuri kwisumbuyeho – Izere ko Imana ihambaye ku buryo yakubuza kugwa mu cyaha. Hagarara wemye maze wature uti, "singwa!"

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze nkomejwe n'imbaraga z'Imana. Ngenda nshize amanga mu buntu no mu mbaraga za Kristo, nzi neza ko anshoboza guhagarara nemye ntandukanye n'icyaha. Mpabwa imbaraga n'ubuntu zo kubaho ubuzima bw'intsinzi. Ndakegeka kandi ndatura ko, muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, sinzagwa! Kuko Imana ari yo murinzi wanjye, kandi ingaragaza neza ntafite umugayo mu munezero uhebuje. Haleluya!

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 6:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 30:11-31:13; 2 Samweli 1-2

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mata 2

## NKIZE MU BUTUNZI BW'UMURIRO

### Zaburi 5:3

**Uwiteka, mu gitondo uzajya wumva ijwi ryanjye.**

Waba warigeze guhura n'umunsi aho ibibazo biguhuriraho biturutse mu mpande zose? Buri kibazo, buri kigeragezo na buri nzitizi uhura nayo ifite igisubizo cy'umwuka, kandi igisubizo cyabyo ni umuriro!

Yesu ubwe yabashije kubisobanukirwa. Nubwo yaturaga ubuzima ku munsi we, yari aziko udashobora kwinjira mu munsi utabanje kubika umuriro. Yabyukaga kare, mbere y'uko izuba rirasa, kugira ngo abanze akusanye umuriro w'umunsi agiye kwinjiramo. Niba Uwaremye iminsi yaragombye kuyitegura akoresheje umuriro, ni ku kigero kingana gute wowe ubikeneyeho?

Dore ukuri: ntabwo ikibazo cyose gikenera urugero rumwe rw'umuriro. Nkuko abashoramari basobanukirwa ko amasoko atandukanye akenera ingamba zitandukanye, tugomba gusobanukirwa ko ibibazo bimwe bikenera ikigero kisumbuyeho cy'umuriro.

Ese utunze miliyari z'umuriro, cyangwa ububiko bwawe bw'umuriro bwarahombye? Ese wabitse umuriro uhagije uzagushoboza guhangana n'ibibazo biri mu muryango wawe, mu kazi kawe, no mu magara yawe? Ntukinjire mu munsi wawe utiteguye. Uko ikibazo cyaba kimeze kose, igisubizo cyacyo ni umuriro.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, ntazinjira mu munsi ntabikije umuriro. Ntunze miliyari z'umuriro, mfite ububiko buhagije. Ubuzima bwanjye bwo gusenga buri gukongezwa. Buri kibazo kizakurwaho n'umuriro mu Izina rya Yesu, Amen!

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abami 18:38

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: 2 Samweli 3:1-6:11

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mata 3

## ATURA IBISUBIZO

### 2 Abami 4:2

**Elisa aramubaza ati “None se nkugire nte?”**

Ese waba warigeze utekereza ko Imana nta kibazo na gito igira? Nta mwanzu igira kuko nta wabasha kuyihangara. Irahambaye cyane ntiyagira abanzi, kandi ibibazo birahunga mu kubaho kwayo.

Noneho umva ibi. Bibiliya itubwira ko turi muri Kristo bisobanuye ko turi muri Uwo utagira ibibazo. Ariko, rimwe mu makosa Abakristo bakora ni ugutegereza undi muntu ko aza kubakura mu bibazo byabo. Ni ikigaragaza ko batarasobanukirwa abo bari bo muri Kristo.

Yesu yaravuze ngo, umbonye aba abonye Imana. Nawe wavuga ayo magambo. Ntabwo uri umuntu utegereje umucunguzi, ni wowe Mucunguzi. Elisa yamenye ko ari we wari ubitse ibisubizo. Nawe ubitse ibisubizo. Uvuga nk’intumwa – umuvugizi – w’Imana. Buri kintu kigerageza kwishyira hejuru nk’ikibazo mu kubaho kwawe, kirukane maze wature igisubizo!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndakomeye cyane sinahangarwa n’umwanzi. Ngendana Imana muri nje; bityo; ngendana ibisubizo. Iyo umbonye, ubona Imana. Ndatara kandi ndategeka ko ndi umucunguzi; iyo ngeze ahantu, ibibazo birahunga. Ndatara nonaha nk’intumwa y’Imana kandi ndategeka buri kibazo, ngo gisohoke mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 14:9

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu minsi: 2 Samweli 6:12-10:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mata 4

## NAREMEWE UBUZIMA

### 2 Abakorinto 5:17

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Buri gitekerezo cyanditswe muri DNA yawe. Navuze kuri ibi birambuye mu gitabo cyanjye, Genetic of Words. Utu tunyangingo tubitse ibitekerezo by'abasogokuruza bawe – ibyiza n'ibibi – kandi nawe barabiguhaye biri muri DNA yawe, ariko bisaba ko watura kugira ngo ufungure imbaraga zabyo.

Abaganga babaza amakuru yerekeranye n'amateka y'ubuzima mu muryango kuko basobanukiwe ko niba indwara ziganje mu muryango, hari uwazikinguriye umuryango. Abaganga bashobora kutabisobanukirwa bataramenya ayo makuru y'utunyangingo. Ariko, Imana yo irabizi, kandi itubwira ko urufunguzo ari amagambo yawe: ubeshwaho cyangwa ukicwa, uhagurutswa cyangwa ukagushwa, n'amagambo yawe.

Nubwo umuryango wawe ushobora kuba waragushyize mu byago byo guhura n'indwara, gutsindwa, cyangwa ubukene, nk'umukristo, ntawo ukiboshywe n'iyi mitekerereze. Ufite DNA y'Imana. Kubw'amagambo yawe, wafata ubutware buri hejuru y'umupaka washyizweho n'umurage wahawe mu mubiri. Atura ubuzima, amagara meza n'intsinzi, uzi neza ko waremewe ubuzima bw'umwuzuro!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpinduye DNA y'umuryango wanjye yo mu mubiri no mu mwuka kandi nshyize ubutunzi mu bazankomokaho. Umubiri wanjye ni urusengero rw'Umwuka Wera, kandi Kristo ari muri nje. Nanze ububabare bwose, indwara, gutsindwa, no gukena. Ndatura amagara mazima, intsinzi yuzuye, n'ubuzima bwuzuye umunezero n'amahoro mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:10

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu minsi: 2 Samweli 11-13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mata 5

## UHINDURA

### Matayo 5:13

**Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshiywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira.**

Umunyu ntujya urekera aho kuba umunyu. Ariko, ushobora guta uburyohe bwawo n'akamaro kawo iyo wanduye, ushonze cyangwa se ugahura n'ibindi bintu. Niko n'Abakristo bashobora gutakaza umumaro wabo wo mu mwuka iyo bifatanyije n'ibihumanye by'isi cyangwa bakemera ko ukwizera kwabo gukendera.

Yesu atwita “umunyu w'isi,” bitwibutsa ko inshingano zacu ari ukurinda no kongera uburyohe mu isi idukikije. Ariko ubuzima bwacu “buhumanywa” nuko twirengagije indangagaciro cyangwa se “bushongeshwa” no kubura ukwizera, dutakaza itandukaniro ryacu ari ryo ritugira ab'umumaro.

Iyo twakiriye inshingano zacu zo kuba “umunyu w'isi,” tumenya ubutware buhambaye Imana yaduhaye bwo kurinda, gusukura, no guhindura. Nkuko umunyu uhindura ahawukikije, natwe dufite imbaraga zo guhindura ibirere, tugahagarika ibihe byisubiramo, kandi tukatura ubuzima nk'abambasaderi b'Imana, batwaye imbaraga z'Ubwami bwayo muri buri gice cy'ubutware.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka, mpagurutse mu bushobozi bwanjye nk'uca iminyururu mu muryango wanjye, aho ntuye, no muri guverinoma. Nta tegeko rizashyirwaho n'inzego z'ibanze cyangwa se guverinoma y'igihugu ntabigizemo uruhare. Ndi umutegetsi w'aho ndi – uca iminyururu – kandi amagambo yanjye afite imbaraga mu isi y'umwuka zo gukomeza ubushake bwera bw'Imana, mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 14-16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mata 6

## ARAHAGARITSWE

**Yesaya 59:19 (NKJV)**

**Ni bwo bazubaha izina ry'Uwiteka uhereye iburengerazuba, bakubaha icyubahiro cye uhereye aho izuba rirasira, kuko azaza nk'umugezi uhurura ujanwa n'Umwuka w'Uwiteka.**

Muri Zekariya 2:12, Imana yita abantu bayo “imboni zo mu jisho rye,” bivuze ko imboni iri mu bice byorohereye cyane ku mubiri w'umuntu. Ijisho rifite uburyo bwo kwirinda burinda imboni kwangirika aribwo – guhumbya cyangwa se kuzana amarira agasohora buri mwanda wose wagerageza kuyigeraho.

Imana ikora nk'ingabo ikingira abantu bayo, yihutira kudukingira no kuturinda iyo umwanzi ashatse tukugabaho ibitero. Nkuko ijisho rishobora “kwinjirwamo” n'umukungugu, urumuri rwinshi, cyangwa se rigakomereka, niko n'ubuzima bwacu bushobora guhura n'ibitero by'umwuka. Ariko amagambo y'Imana yo muri Zekariya atwibutsa ko buri gitero kitugabweho Imana igifata nk'igishaka kuyitera yo ubwayo.

Muri Kristo, urinzwe n'Imana, urarinzwe no mu byago. Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, nta ntwaro yaremewe kukurwanya izagira icyo igutwara kuko Imana, Umurinzi wawe, ikurinze, ihora yiteguye kuburizamo umwanzi.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko ndi imboni yo mu jisho ry'Imana, ndarinzwe kandi nkingiwe ibitero byose. Iyo umwanzi yinjije, nk'amazi asuma, Umwuka w'Imana untabara nk'imbaraga zidahagarikwa zisubiza inyuma gukomeza k'umwanzi. Nta cyago cyangeraho Imana itakibonye mbere, kuko ndinzwe n'ingabo z'Imana, Umurinzi wanjye utaneshwa! Satani, ubujijwe inzira!

### IBINDI BYANDITSWE

Zekariya 2:8

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu minsi: 2 Samweli 17-19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mata 7

## ABACA IMINYURURU

**Yohana 8:32**

**Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura.**

Kubohoka biza ako kanya; biva mu kumenya ukuri. Mu gihe batangazaga ubwigenge, abacakara bahawe ubwigenge. Ariko benshi bagumye mu bucakara kuko batari barabyumvise cyangwa se batizeraga ayo makuru. Niko dushobora kuba twarabohowe mu mwuka ariko mu gihe tutarabimenya ngo dutangire kugendera muri uku kuri, tuba tukiri abacakara.

Hari itandukaniro ku kuba twarahawe ubwigenge no kubohorwa. Tekereza ku nyoni ifungiranye mu kazu. Iyo urugi rw'ako kazu rukinguwe, iyo nyoni iba ihawe ubwigenge, ariko iyo idasobanukiwe ko ishobora kuguruka, ntabwo iba iri kuba muri ubwo bwigenge koko. Kubohorwa bivuze kugira ubwo bumenyi ko ubohowe kandi ugakora ibihwanye n'uko kuri kw'Ijambo ry'Imana.

Ijambo ririmo kwizera nibyo bica iyo minyururu. Kugira ngo "tumenye" ukuri tugomba kwibira mu Ijambo ry'Imana maze tukarikurikiza mu kwizera. Uko tubikora, ntiduhabwa ubwigenge gusa ahubwo turabohorwa. Anga kugirwa umucakara no kutamenya ukundi. Menya Ijambo ry'Imana kandi urikurikize!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nanze kubohwa no kutamenya. Uko nibira mu kuri kw'Ijambo ry'Imana nkanarikurukiza mu kwizera, buri minyururu iri mu buzima bwanjye iracitse. Ngenda nshize amanga mu bwigenge Kristo yatanze. Ntabwo nahawe ubwigenge gusa; ahubwo narabohowe byuzuye ngo mbeho mu butsinzi buri munsu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 4:2

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Samweli 20:1-22:34

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mata 8

## GUMA “URI MASO”

### Matayo 13:25

**Nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.**

Imvugo yo “kuguma uri maso” isobanuye kumenya ibiri kuba ntubeho utazi ibi kubera mu mpande zigukikije. Imana iduha urugero rwiza kuri byo. icyanditswe kitubwira ko itajya isinzira cyangwa se ngo ihunikire (Zaburi 121:4). Nta wushobora kuyubikira nijoro kuko ihora iri maso, ireberera kandi irinze ibyago. Ntija ibura ibyago; ni Umurinzi wabyo.

Ariko, ikibi nuko Abakristo benshi batita kuri iki gice cya kamere y’Imana. Ntibabasha gusobanukirwa ko umwanzi wacu ategereje igihe tuzaba dusinziriye mu mwuka kugira ngo atera imbuto z’ibyago. Kristo abitubwira muri Matayo 26:41, aduhamagarira kuba maso no gusenga kugira ngo tutagwa mu bigeragezo no mu byago.

Umwanzu akoresha ayo mahirwe iyo abonye dusinziriye mu mwuka, yiringiye kudasanga tudafite ubwirinzi. Bityo, ni iby’ingenzi cyane kuguma turi maso kandi tugashaka Imana. Ntugategereze ko ibibazo biza mu rugo rwawe. Jya uba umurinzi uhoraho – tegura ibihe byo kurara usenga kugira ngo umwanzi wawe, asange uri maso.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze ndi maso ndi mu masengesho y’ubuzima bwajye, umuryango wanjye n’ahazaza hanjye. Nanze gusangwa ntari mu mwanya wanjye; sinzafatwa ndyamyeye ku munsu w’ibyago. Mpawe imbaraga n’ubushobozi bwo kwirinda buri gitero cyose. Ndi umurinzi, kandi ndatura kandi ndategeka ko, ibyo Data yampaye byose, nta na kimwe nzabura! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 132:4-5

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: 2 Samweli 22:35-24:17

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mata 9

## UKURAHO IMISOZI

### Zekariya 4:7

**Wa musozi munini we, wiyita iki? Imbere ya Zerubabeli uzaba ikibaya. Azazana n'ibuye risumba ayandi, barangurure bati 'Nirihabwe umugisha! Nirihabwe umugisha!**

Umusozi wa Everest ni wo musozi muremure kurusha indi mu isi, ukaba ureshya na metero 8,848 (mikono 29,029). Nubwo ugoranye cyane kuwuzamuka, abantu benshi bagerageza kuwuzamuka buri mwaka – kuko baba bumva ari ishema kugera ku kintu kinini nk'icyo. Kandi, imihanda myinshi tugendamo uyu muni yaciwe mu misozi iraramburwa kugira ngo ivemo inzira nyabagendwa. Twaremewe gufata imisozi!

Ariko imisozi yose si iyi misozi igaragara tureba. Ibyo tunyuramo bimwe na bimwe bimeze nk'imisozi. Ushobora kuba uri guhura “n'imisozi” mu buzima bwawe – yaba ibibazo bw'ubukungu, umubano utameze neza, cyangwa ibibazo by'ubuzima – bimeze nk'ibidashobora gukemuka, ariko ibyo byose ntibiri hejuru y'ubutware bwawe.

Yesu ubwe yaravuze ngo nitubwira “uyu” musozi mu kwizera, uzavaho (Mariko 11:23). Itegereze uko mu cyanditswe havuga ngo “uyu” – mu gihe uri guhangana n'ibikugoye jya ubivuga uko biri nta na kimwe usize. Ntugasenge ubica hejuru; jya uvuga ikibazo ufite uko kiri maze wature ko kivuyeho. Atura ushize amanga ku misozi iri mu buzima bwawe. Yitegeke guhinduka ibibaya.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko ndi umusozi ku misozi yanjye! Muri uyu mwaka, nta kigeragezo kizaba kinini kundusha. Ndatura kuri buri nzitizi iri mu buzima bwanjye. Wa musozi we w'ubukungu, ndagutegeka! Wa musozi we w'indwara, ngaseny! Buri musozi uri mu buzima bwanjye, ndatura nonaha ko: imbere yanjye uri ikibaya, mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Mariko 11:23

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 24:18-25; 1 Abami 1:1-2:18

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mata 10

## HITAMO UMWUKA WAVE

**Abefeso 5:18**

**Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka.**

Abantu benshi bakunze kwibaza bati, Ese nanywa inzoga? icyo baba bashaka ni uruhushya. Yego wanywa inzoga. Ntabwo Imana izohereza umumarayika uvuye mu ijuru ngo afunge umunwa wawe cyangwa ngo afunge amacupa yose y'inzoga ari aho utuye. Ikibazo ukwiye kwibaza ahubwo ni, Ngomba kunywa inzoga?

Reka ngisubize muri ubu buryo. Inzoga igabanya imikorere y'ubwonko. Ni yo mpamvu iyo abantu banyweye inzoga, bigira ingaruka ku mivugire yabo, guhagarara, kubona, imyumvire, gufata ibyemezo ndetse n'ubushobozi bwabo bwo gutekereza. Niyo utaba wasinze, ingingo zawe zose zigirwaho ingaruka no kunywa icupa rimwe.

Bibiliya itubwira ko Umwuka Wera ushaka kwigarurira ibyo bice by'ubuzima. Noneho, ikibazo ni iki: ntabwo uzahangana n'undi mwuka. Ukwiyeye guhitamo umwuka ugomba kukugenga – inzoga cyangwa Umwuka Wera. Aho kugira ngo uhe inzoga ubushobozi bwo kukuyobora, hitamo kuzura Umwuka Wera. Bigire intego yawe ya buri muni kumwemerera ngo ahindure buri gice cy'ubuzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Simpa ikintu cyose kigabanya imikorere y'umubiri wanjye, ibitekerezo byanjye cyangwa se umwuka wanjye ubushobozi bwo kunyobora. Umubiri wanjye ni urusengeru rw'Umwuka Wera, mfite imitekereze nk'iya Kristo. Nta wundi mwuka uzanyobora uretse Umwuka Wera. Mpa Imana ibyayo, kandi nyubahisha ibyanjye byose.,

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 6:19-20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 2:19-4:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mata 11

## ABAHUMEKA UMURIRO

**Yeremiya 51:20**

**Uri intorezo yanjye ndwanisha, uri n'intwaro z'intambara, kuko ari wowe nzacagaguza amahanga kandi ni wowe nzarimburisha ibihugu.**

Ubukristo bw'ukuri, ku rwego rwabwo ruto cyane, buba busa nk'ubupfumu. Ibyo bishobora kugutangaza ariko niko kuri. Ubukristo benshi bizeye ni ikigereranyo gito cy'ubwo ari bwo nyakuri. Igihe utangiye gusenga uba uri kubika umuriro. Iyi si imvugo izimije cyangwa igitekerezo umuntu yitekerereza; ni ukuri k'umwuka. Amasengesho yawe abyara imbaraga zidasanzwe zishobora kunyeganyeza imfatiro z'ibirindiro by'umwanzi.

Eliya yarabisobanukiwe. Ntiyabwiye abahanuzi ba Bali imbwirwaruhame cyangwa ngo abacyahe mu ijwi rituje. Ahubwo yahamagaye umuriro uva mu Ijuru (1 Abami 18:38). Filipino yagaragaje imbaraga z'Imana kugeza igihe umupfumu yashatse kuzigura nyuma yaho akinginga ngo bamusengere (Ibyakozwe n'intumwa 8:9-24).

Ibaze: Ni uwuhe muKristo ndi we? Niba ubuzima bw'ubukristo uri kubamo budatuma imbaraga z'umwijima zinyeganyega, ni igihe cyawe cyo gukanguka ukakira kamere ye nyakuri. Anga kuba umukristo ku izina gusa. Shyira ubuzima bwawe ku gicaniro muri uyu mwaka maze ube ku muriro kugira ngo ugaragaze imbaraga z'Imana.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nanze kubaho ubuzima bw'Ubukristo butagira imbaraga. Ndatura kandi ndategeka ko ndi intwaro mu biganza bw'Ishoborabyose. Guhora kuje ku banzi banjye. Ndatura uburakari, gutekereza nabi no kubura icyerekezo ku banzi banjye. Uko Nsenga, ngwiza umuriro uca intege, ukambura intwaro kandi ukica imirimo y'umwanzi, mu Izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 12:29

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 4:20-7:39

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mata 12

## GENZURA IZINA RYAWE

### 1 Ingoma 4:9

**...Kandi nyina yamwise Yabesi kuko yavuze ati “Namubyaranye agahinda.”**

Mu myaka mirongo inani yo kubaho kwawe, ushobora kumva izina ryawe rihamagarwa inshuro 292,000. Umuntu umwe yaravuze ati, “Izina ry’umuntu kuri we ni ryo jambo ryiza kandi ry’ingenzi muri buri rurimi.” Ariko se izina ribaye rimeze nk’umuvumo aho kugira ngo rizane umunezero kubera ubusobanuro bwaryo?

Amazina afite imbaraga. Igihe Yesu yahabwaga izina, Marayika yaravuze ati, “Azitwa Yesu, kuko azakura abantu mu byaha byabo.” Izina ryawe ni Ijambo rya gihanuzi ryavuzwe ku buzima bwawe kuza uvuka – rishobora kuba rigamije icyiza cyangwa icyibi. Dufate urugero kuri Yabesi. Nyina yamwise “agahinda” agendeye ku kababaro ke, kandi ibyo byagize ingaruka ku buzima bwe kugeza igihe yasengeye impinduka (1 Ingoma 4:10).

Menya igisobanuro cy’izina ryawe; tekereza ku buryo cyaba kigira ingaruka ku buzima bwawe. Niba igisobanura cy’izina ryawe kikuzanira ibibi, fata ubutware mu isengesho – no mu mategeko – maze uhindure ingaruka rikugiraho. Atura ijambo rya gihanuzi rishya kuri wowe maze wange kuba muni y’izina rikubera inzitizi mu kugera ku mugambi wahawe n’Imana.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntandukanye na buri munyururu w’ikibi uri mu muryango wanjye. Nanze kuba umuntu usanzwe. Mu izina rya Yesu, ndakuraho buri munyururu umwanzi yakoresheje amfatanya na we. Ndatuma kandi ndategeka ko buri mugenzi umfatanya n’ubukene, urupfu no gutsindwa ucitse nonaha! Haleluya! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 1:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Abami 7:40-9:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mata 13

## URUPFU RW'AMAGAMBO MABI

**Yesaya 54:17**

**Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara, kandi ururimi rwose ruzaguhagurukira kukuburanya uzarutsinda. Ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka, kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi." Ni ko Uwiteka avuga.**

Amagambo ni inzabya zikomeye. Yo ubwayo, amagambo nta mbaraga afite, ariko abika imbaraga maze agasohora buri kimwe kiyarimo – yaba kwizera, ubwoba, umugisha, cyangwa se umuvumo. Nicyo gituma tutakwemerera amagambo mabi cyangwa amagambo y'umuvumo yavuzwe ku buzima bwacu akomeza kubaho. Uburyo bwonyine bwo kwica amagambo ni ugukoresha andi magambo – amagambo y'ubuzima n'ubutware.

Imana yaguhaye uburenganzira bwo guhindura ubusa amagambo mabi yakuvuzweho. Ni umurage wawe guhinyuza ayo magambo, ariko ugomba gukora. Imana ntizabigukorerera. Buri gitondo uko ubyutse, fata ubutware mu isengesho: kuraho, buri muvumo kandi uce iteka kuri buri jambo ribi. Yategeke gupfa, maze wature amagambo y'imigisha ku buzima bwawe. Anga guceceka. Atura ko nta ntwaro – nta jambo ryaremewe kukurwanya – rizagira icyo rigutwara.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mu Izina rya Yesu, nkuyeho buri jambo ryavuzwe kuri nje, ku muryango wanjye, amagara yanjye, amafaranga yanjye, umurimo w'Imana, ndetse n'ahazaza hanjye. Nta ntwaro yaremewe kurwanya ahazaza hacu cyangwa se umubano wacu – yaba none cyangwa ahazaza – izatsinda. Kubw'ubutware bw'Umwuka Wera, nkuyeho buri mugambi washyiriweho kuzana ubugumba, uburakari, no gutenguhwa. Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, ndatura kandi ndategeka ko imigisha, igikundi, kwiyongera no guhama kuri buri kintu cyose cyanjye, mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 54:14-17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 9:10-11:25

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mata 14

## URUKUNDO NI INTWARO

**Ibyakozwe n'Intumwa 26:17**

**Ngukize ab'ubwoko bwanyu n'abanyamahanga ari bo ngutumyeho.**

Bibiliya ivuga ko abanzi b'ubuntu bava mu bo babana mu nzu. Rero ntuzatungurwe ubonye Yuda avuye mu bo mu muryango wawe. Umwanditsi wa Zaburi yariganyiriyeye ati " Si umwanzi wantutse, Mba narabashije kwihangana, Cyangwa uwanyangaga si we wanyirase hejuru, Mba naramwihishe. Ahubwo ni wowe uwo duhwanye, Uwo twagendanaga, incuti yanjye y'amagara." (Zaburi 55:12-13)

Birababaza cyane iyo ugambaniwe n'umuntu wari ukwegereye - umuvandimwe, inshuti, cyangwa se umuntu wumvaga ko agushyigikiye. Imana izi ako kababaro. Yesu yagambaniwe n'umwe mu bigishwa be, Yuda, ariko, yakomeje gusohozza umugambi we.

Imana izagukiza n'abo bari bakwegereye bahindutse abanzi bawe. Ntugahungabane nubona ugambaniwe. Ahubwo, jya ubakunda uzi neza ko Imana Ari yo izagutabara. Ahazaza ntihashimangirwa n'abahagurukira kukurwanya ahubwo hashimangirwa n' Uhagararanye nawe. Izere Umucunguzi wacu, maze azahindura akagambane kose mu umugambi w'intsinzi yawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndatura kandi ndategeka ko akagambane katazampungabanya cyangwa ngo kanyeganyeze ahazaza hanjye. Nta gitero gituruka mu nshuti zanjye za hafi cyahagarika umugambi w'Imana ku buzima bwanyje. Urukundo ni rwo ntwaro yanjye, kandi Umwami antabara buri mugambi wose w'umwanzi. Mu Izina Rikomeye rya Yesu, buri kagambane kose ni ibuye ringeza ku yindi ntera y'intsinzi yanjye. Haleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 12:20

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 11:26-13:34

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mata 15

## ITABA UMUHAMAGARO WO GUKOMERA

**Zaburi 68:1**  
**Let God arise...**

Imana ntikunda ibintu biciriritse. Yashyize Ukwizera kwayo muri twe kugira ngo nivuga, tujye tuyisubizanya Ukwizera nk'uko ikoresha. Ariko, Abakristo benshi bakora ikosa ryo kumva iyo Imana ivuze aba ari bo iri kuvugisha maze bagasobanura Ijambo ryayo mu mwumvire ya muntu ifite imipaka. Mu by'ukuri iba iri kuvugisha Imana iri muri bo.

Iyo iguhamagariye gufata ibihugu, ntiba iri kubwira wowe muri kamere yawe. Iyo ikubwiye gushyigikira ingengo y'imari nini cyangwa se kubaka umurimo w'Imana mpuzamahanga, ntabwo iba iri kuvugana n'ubushobozi bwawe bwa muntu. Iba ivugana n'Imana iri muri wowe. Ikintu cyose kigaragara nk'ikidashoboka ku bantu ku Mana kirashoboka

Bibiliya iravuga ngo "Inama umuntu yigira mu mutima we ni we nyirayo, Ariko igisubizo cy'ururimi rwe kiva ku Uwitaka." (Zaburi 16:1). Nikuvugisha, mbere yuko usubiza, banza urebe ko igisubizo cyawe ari icyo Imana yavugaga. Reka Gukomera kwayo kuri muri wowe guhaguruke kandi ukoreshe Ukwizera kwayo ukora ibidasanzwe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Reka Imana ihaguruke muri nje! Nanze ibiciriritse no guterekereza guto, kuko mfite Imbaraga zitagira akagero z'Imana muri nje. Ampamagarira guhindura amahanga no gushyigikira ingengo z'imari, nitaba uwo muhamagaro nkoresheje Ukwizera nk'ukw'Imana. Sinzirikwa n'imbibi z'abantu. Ngera ku bidasanze. Ndabwira gukomera kuri muri nje kandi ndagutegeka guhaguruka! Amen.

**IBINDI BYANDITSWE**  
Matayo 19:26

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**  
Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 14-17

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mata 16

## HUNGA!

### Zaburi 114:3

#### Inyanja ibibonye irahunga...

Igihe Abisirayeli bavaga muri Egipta, ntibari bonyine. Bagendanaga n'ukubaho kw'Imana - inkingi y'umuriro n'igicu byagendanaga nabo, bigakora ukubaho kw'imbaraga z'Imana. Mu Kuva 14:24:25, tubona uko Imana yarebeye mu nkingi y'umuriro maze igateza ibyago ingabo z'abanyegiputa, igatuma ibiziga byo ku magare yabo bivamo. Abanyegiputa bashya ubwoba bavuga ngo, "duhunge... kuko Imana ibarwanirira!" Umwanzi yamenye ko adahwanyeye n'Imana.

Icyanditswe cy'uyu muni kuvuga ko "inyanja yabibonye igahunga." Nkuko inyanja yahaye inzira ubwonko bw'Imana, abanzi bawe - baba indwara, ibibazo by'ubukungu, cyangwa ikintu cyose gihagaze mu nzira yawe - kirahunga kuko Imana iri kumwe nawe.

Tekereza ubukene bwawe bubona ukubaho kw'Imana bugahunga. Shushanya indwara zihinda umushyitsi zigasubirayo, zizi neza ko zitatsinda. Buri kibazo cyose uhura nacyo uyu muni, menya ko: Imana iri kumwe nawe. Muri uyu mwaka, umwanzi azabibona maze ahungire mu yindi nzira!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko cyose gishaka kunyitambika gihunze ku itegeko ryanjye. Buri ndwara, itangiye kwegerayo nonaha! Nk'uko inyanja yarebye igahunga, ubukene no gutsindwa birampunze mu Izina rya Yesu! Buri mwanzi ahinze umushyitsi kuko Imana iri kumwe nanjye, kandi buri kibazo cyose kizaca bugufi mu kubaho Kwayo! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Kuva 14:24-25

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 18:1-20:25

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mata 17

## **GARUZA AMAGARA YAWE**

**Yohana 10:10**

**Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura ...**

Uburwayi ni bumwe mu buryo bubi bwo kubohwa. Bugutegeka ibyo ukora, bugakuraho umudendezo, bukagutegeka bukubwira icyo bushaka. Bifata ubutware, bukagira ingaruka ku byemezo ufata. Ni umukoresha mubi, ni Satani ukoresha imirimo y'agahato!

Umubiri wawe ntiwigeze uremerwa kurwara. Igihe ikintu kidasanzwe kiwinjyemo, umubiri wawe uhita ugaba igitero cya kirimbuzi cyo kwica igishaka kuwuhungabanya cyose. Imana ubwayo niyo yashyize ubushobozi bwo kwivura mu mubiri wawe kugira ngo busane ibyangiritse mu mubiri wawe utabimenye. Hejuru ya byose, yashyize ubuzima bwe muri wowe - Zoé, ubuzima nk'uko Imana ibufite.

N'uturwara duto, iyo utwemereye kukugeraho, duha Satani umwanya wo kwiba, kwica, no kurimbura amagara yawe. Ntukite uburwayi ubwo Ari bwo bwose ubwawe. Anga kuvuga ngo diyabete "yanjye", umuvuduko w'amaraso "wanjye" cyangwa aleriji "zanjye". Ahubwo, atura amagara mazima mu mubiri wawe - ubwo ni bwo bushake bw'Imana kuri wowe, bwagizwe impamo kubw'ubuzima bwa Kristo buri muri wowe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mu Izina Rikomeye rya Yesu, ndatura ko uyu ari umwaka wanjye wo Guca Iminyururu! Nanze kwemerera uburwayi, indwara, n'ibihumanya ngo biture mu mubiri wanjye. Ubuzima bw'Imana buri muri njye buri gukomeza no kuzura buri karemangingo kanjye kubw'Umwuka w'Imana! Buri karemangingo ko mu mubiri wanjye ni kazima kandi gakora neza, ngendera mu magara mazima. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:11

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu minsi: 1 Abami 20:26-22:36

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mata 18

## UMUZIKI MU MATWI Y'IMANA

### 1 Abakorinto 14:10

**Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.**

Umuziki urenze kuba gusa imyidagaduro. Ubwoko bw'umuziki wumva bushobora kugira ingaruka kuko ubona isi. Rimwe na rimwe, izo ngaruka ntizigaragaza cyane ngo uhite uzibona. Urugero, umutima wawe uhindura uko utera kugirango ijyanishe n, injyana y'umuziki uri kumva.

Wigeze wumva indirimbo yagumye mu mutwe wawe? Uko wumva indirimbo yagumye mu mutwe wawe biterwa nuko wumvise indirimbo uyisubiramo cyane - ubwonko bwawe bushyira imbere iryo jwi, bigategeka ubwonko bwawe kuyikina. Umuziki utuma umubiri urekura umusemburo wa dopamine, "umusemburo w'ibyishimo." Ibi bisobanura impamvu umuziki ushobora kukugira imbata. Umuziki ukakuyobora.

Ntugatekereze ko "Ari indirimbo gusa". Buri nyana yose igira ubusobanuro kandi igira ingaruka ku mubiri wawe, ibitekerezo ndetse n'umwuka wawe. Amagambo y'indirimbo ni amagambo ahamya uba uri kwatura iyo uririmba. icyongeyeho, amajwi ahamagara imyuka.

Genzura umuziki wumva. Ni ubutware bwande uri gukurikira - ubw'Imana cyangwa se ubwa Satani? Bibiliya itubwira guha Imana imibiri yacu. Amatwi yawe no kumva kwawe ni iby'Imana. Rero, hitamo umuziki amatwi y'Imana ashaka kumva.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfunze buri nzira yose umwanzi yinjiriragamo inyuze mu matwi yanjye. Nciye buri munyururu wose satani yakoresheje kugira ngo ambohe anyuze mu muziki w'isi. Ntanze amatwi yanjye, kumva kwanjye no kumvumvira ndabimuhaye. Ndabohotse mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 22:37-53; 2 Abami 1:1-4:28

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mata 19

## GENDANA N'IBISHYA

**Mariko 7:13**

**Nuko ijambo ry'Imana mukarihindura ubusa kugira ngo mukomeze imigenzo yanyu yababayemo akarande. Kandi hariho n'ibindi byinshi mukora nk'ibyo.**

Benshi bizera nta gushidikanya ko nta kintu gikomeye kurusha Ijambo ry'Imana, ariko baba bibeshya. Bibiliya itubwira neza ko imigenzo ishobora gutuma Ijambo ritagira umumaro - ntirikore. Imigenzo ni intsinsi yahagaritswe, kandi intsinsi yahagaritswe ntiba ikiva aho iri, ntihagarikwa kandi ikubohera mu hahise.

Kuba inyangamugayo mu mahame yashyizweho n'abantu bishobora gutuma utumva Imana. Gukomera ku muco wawe, igisekuru cyawe cyangwa se ubwoko bwawe bishobora gutesha agaciro inyungu zawe zo kuba uri umuturage w'i Siyoni. Nugera aho ugomba guhitamo hagati y'imigenzo umenyereye ndetse n'ibyo Imana iri gukora muri ako kanya, ujye uhora uhitamo kujyana n'Imana. Reka Ijambo ryayo risumbe imigenzo yawe. Bishobora kukubangamira cyangwa ukumva ari amakosa, ariko bikugumisha mu nzira nziza y'ubuhanuzi.

Imana iba mu mwanya wa none iteka ryose. Kugirana ubusabane na yo biguhamiriza ko utazaguma mu mwanya wahozemo. Isangiza amabanga yayo abize gukunda umutima wayo. Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, gira umwanya wo gusabana nayo uw'ingenzi kugira ngo udacikanwa n'ibyo iri gukora nonaha.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mugenzi wambohaga ugatuma Ijambo ry'Imana ritagira umumaro mu buzima bwanjye uracitse! Imana iri gukora ikintu gishya muri nje; inzara yanjye nsonzeye Imana yiyongera buri muni. Imigezi y'ubutunzi iri gutemba ahari ubugumba. Ibyabuze biragarujwe mu Izina rya Yesu. Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 43:19

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Abami 4:29-8:15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mata 20

## UMURIRO MUSHYA

**Zaburi 55:18**

**Nimugoroba no mu gitondo no ku manywa y'ihangu, Nzajya muganyira niha, Na we azumva ijwi ryanjye.**

Tekereza guha umubiri wawe akaruhuko gato buri muni - nicyo kwiwiriza bikora! Ni nko gukanda ahantu ho gutangira mu mikorere y'umubiri yawe. Ntabwo uba uri gutakaza ibiro gusa; uba uri kwemerera umubiri wawe kwiuburura. Uturemangingo twawe dutangira gusukura umwanda wose twabitse, byorohereza umubiri wawe gutwika ibinure udakeneye. Ubwonko bwawe burashishoza, kandi bigufasha no kubaho igihe kirekire! Nkuko kwiwiriza bituma umubiri wawe uba mushya, amasengesho atuma umuriro wawe uba mushya!

Ubuzima bw'Umukristo bugomba kugaragazwa n'amasengesho ya buri muni, ahoraho. Buri mwanya wo gusenga ni uburyo bwo kwisukura m'umwuka, ukuraho iby'isi bishaka kwifatanya nawe maze ugakomeza umwuka wawe. Isengesho si ikiganiro gusa ahubwo ni uburyo bwo gukusanya umuriro. Uremanywe imbaraga zo gutakaza imitwaro cyangwa icyaha cyose gishaka kugusubiza inyuma.

Nkuko Yesu yasengaga buri muni, gushyiraho umwanya wo gusenga mu muni wawe bituma umuriro uhora waka. Uwo muriro urakurinda ukaguha kurama. Iyo wuzuye umuriro nta munyururu wakuboha! Haleluya!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbohowe ingoyi yose y'umwuka. Kuko mfite umuriro w'Imana, nta mudayimoni waba aho ndi! Buri gitondo, nshyira ubuzima bwanjye ku giganiro. Umuriro uri muri njye uzatsinda buri gitero; nta kibi cyangeraho kuko nuzuye umuriro! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Mariko 1:35

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Abami 8:16-10:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mata 21

## UBURYO BW'UMWUKA BWO KUVUMBURA UBUROZI

**Abefeso 4:31-32**

**Gusharira kose n'uburakari n'umujinya n'intonganya, no gutukana hamwe n'igomwa ryose bibavemo. Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yabababariye muri Kristo.**

Mu buhanga bwo kwiga ku burozi (toxicology), ariryo somo ryiga ku burozi n'ingaruka zabwo, uburozi bwinshi butakaza ubukana n'imbaraga uko igihe gishira. Ariko ubwo buhanga bwo kwiga ku burozi mu buryo bw'umwuka butwerekana ukuri gutandukanye. Bitandukanye n'uburozi busanzwe, kutababarira ni uburozi bwica cyane uko igihe gishira. Bibiliya ibwita uburozi bwo gusharira.

Gusharira bibaho iyo kutababarira byiyongereye. Bihumanya umwuka. Niyi mpamvu mvuga kenshi ko kutababarira Ari nko kunywa uburozi ugategereza ko undi muntu ari we upfa. Gusharira bikugiraho ingaruka mbere, ubundi bikagera kubakwegereye nyuma. Nkuko Bibiliya ivuga, gusharira bihumanya benshi.

Umuti ni uwuhe? Babarira vuba. Ibi ntibishingiye ku kuba umuntu wagukoshereje yagusabye imbabazi cyangwa se yahinduye imyitwarire ye. Imana idutegeka kubabarira. Ni umwanzuro ufata wo kubaha Imana. Uremwe mu ishusho yayo, kandi ababarira nta kiguzi - rero jyenda nawe ugenze utyo.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mu Izina rya Yesu, mbohoze umuntu wese naboshye kubera kutababarira. Mbabariye amakosa yose kandi nikuyeho gusharira kose, uburakari no kutababarira. Umwuka wanjye ntuzahumanywa. Mpisemo kubabarira. Sinkiboshywe no gusharira! Haleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 12:15

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Abami 10:25-14:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mata 22

## KUGENZURA AMAFUNGURO

### Imigani 23:2

**Niba uzi yuko uri umunyandanini, Wifatira icyuma ku muhogo wawe.**

Tekereza kwinjira mu gitaramo kirimo ibiribwa byinshi bigamije gukurura ibitekerezo byawe. Nicyo gikomeye inganda z'ibiribwa zikora. Abashakashatsi mu by'ibiribwa n'abanyenganda bamaze igihe kinini biga uko bakora ibiribwa bikuryohera - bahuza neza umunyu, isukari n'amavuta bituma ukomeza kugaruka kugura ibindi. Ibiribwa byo mu nganda bikangura imisemburo yo kumererwa neza nka dopamine na opioids mu bwonko bwawe, bigatuma uhora ubishaka ku rwego utabasha kubyivanamo.

Ubushakashatsi burenga 1,000 buhuza kurya ibiribwa byo mu nganda no kurwaragurika. Biragaragara ko iki gitaramo kirimo ibiribwa byinshi Atari icyo kwishimisha no gukina - ahubwo ni uburyo bw'uburiganya burema abantu baba imbata kuri ayo mafunguro, uko bagenda barya ibyo biribwa.

Abakomeye bose mu Mwuka bahamya neza ko ibiryo ari igisitaza ku mwuka. Ariko benshi batanga imbaraga z'umwuka ho igitambo kugira ngo baryohere n'ifunguro ryabo rikurikira, kenshi bakarya n'amafunguro adafite intungamubiri yongera ibiro mu mubiri no ku mwuka. Kuko ushobora kurya ikintu ariko ntibisobanuye ko gifitiye umubiri wawe umumaro. Koresha ubwenge no gushishoza, uhitamo ibigukomeza mu mubiri ndetse no mu mwuka.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfashe ubuntu bw'abakomeye mu mwuka wo kuyobora inzara yanjye. Ibiryo ntibizanyobora. Ibyo nkunda bidafite intungamubiri cyangwa se ibisitaza byose biri muni y'ubutware bwanjye. Muri uyu mwaka, buri kigirwamana cy'amafunguro kivuyeho. Amaso yanjye arafungutse; sinzongera kuyoba!

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 6:12

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Abami 14:11-17:18

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mata 23

## NI WOVE MPANZE AMASO GUSA

**Indirimbo ya Salomo 6:3**

**Ndi uw'umukunzi wanjye, Umukunzi wanjye na we ni uwanjye.**

Ese uribuka urukundo rwarwe rwa mbere? Ibyiyumviro byaragusagaga bikagukura ku isi bikakujyana mu isi yindii aho wumva ibintu byose ari byiza kandi bifite ubuzima. Ni ibinezaneza wumvaga mu nda yawe, umutima ugatera cyane nta kiwubayeho, ni amasezerano y'ibishoboka bitagira umupaka ubona muri buri nseko. Ubwo nibwo busabane Imana yifuza kugirana nawe. Kandi birashoboka.

Isi y'uyu muni yafashe "imitekerereze yo kwemera ibintu byose" rimwe na rimwe ishaka gusimbuza gushaka umugore umwe n'umuco wo kujarajara. Baretse ubusabane bw'umwuka n'amarangamutima babisimbuza kumarana ijoro rimwe gusa bigaragazwa no kwikunda bitari ukwitanga kw'urukundo nyarwo.

Ushobora kugira umubano wimbitse, wawe n'Umuremyi w'isi. Nicyo ubusabane n'Imana bivuze. Tangirana no kumuha umwanya wihariye. Muvugisha ufungutse, umusangize umunezero wawe, ubwoba, n'inzozo zawe – kandi wibuke kumva. Mugaragarize urukundo rwawe mu kumuramya no kumwumvira. Uko ubikora, urushaho kumwegera, ukabona ukubaho Kwe mu buryo bushya, maze ukabona umunezero utabasha gusobanurwa n'ubusabane nyabwo n'Umuremyi wawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umutima wanjye ufite umuvugizi. Nsubiye ku rukundo rwanjye rwa mbere, nshaka umubano wimbitse n'ubusabane n'Imana. Uyu muni na buri muni, mfata umwanya ngo marane igihe n'Imana. Ndi uw'Imana kandi na yo ni iyanjye. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyahishuwe 2:4-5

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Abami 17:19-19:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mata 24

## BYAGERAGEJWE N'UMURIRO

**Abaroma 12:11**

**Ku by'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorere Umwami wacu.**

Umuriro ni imbaraga zidahagarikwa zipima buri kintu cyose zikozeho, zikagaragaza imiterere y'ukuri yacyo. Ibyuma bikorwa bikanakomezwa n'umuriro, ariko iyo umuriro ukoze ku rubaho, ruhinduka ivu, bikaba igihamya cy'uko rworoshye. Umuriro ntukongora gusa ahubwo umuriro utwika imyanda yose – buri kintu cyose kitari ukuri. Ntiwabeshya umuriro.

Ubuzima butari ku muriro butuma umuntu agushwa n'inyigisho z'ibinyoma ndetse n'ubuyobe bw'umwuka. Abo byoroshye cyane ko bagwa ni abakristo bakazuyazi, bamwe bafite ishusho yo gukiranuka ariko badafite imbaraga z'umwuka. Umuriro utanga ubushyuhe, ariko wo ntufite ubushyuhe; uba utwika cyangwa se uzimye.

Icyo Imana ishakira abantu bayo ni uko baba inzabya z'umuriro, Atari ukuba abizera basa neza badafite ibihamya bifatika. Iyo wuzuye umuriro, nta muntu wakubeshya. Reka umwuka wawe ube ku muriro buri munsu. Ongera umuriro wawe buri munsu. Jya hejuru y'ubukristo busanzwe ugere ku buzima bwuzuye imbaraga n'umuriro, kandi buri buriganya bwose buzashya buhinduke ivu!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, sinzaba itanura ritarimo umuriro. Uko nshyira ubuzima banjye ku muriro buri munsu mu gusenga, buri kinyoma kiri kuvaho. Ubuzima bwanjye buri kwakamo imbaraga z'Imana, bigaragarira buri wese unyegereye, mu Izina Rikomeye rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 24:24

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Abami 19:25-23:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mata 25

## UMURIMO UKORESHEJWE UBWENGE

**Imigani 12:24**

**Ukuboko k'umunyamwete kuzatwara, Ariko ukuboko k'umunyabute kuzakoreshwa uburetwa.**

Bibiliya ishushanya ishusho y'umwanzi w'umunyaGicurasieri witwa ubunebwe. Bwa mbere, ushobora kumva ari byiza gufunga amatwi ukirengagiza inshingano zawe, ariko mbere yuko ubimenya wisanga wafashwe muri cya cyanditswe kivuga ngo "henga nsinzire gato, nihweturu kanzinya" aribyo bitera ubukene buza kuri wowe "nk'umwambuzi".

Ubunebwe buhindura umuntu imbata y'amadeni, uburakari, no gutsindwa. Inzozo n'ahazaza birayoyoka, maze bakisanga bari mu buzima batigeze bateganya. Ubu butumwa burasobanutse: ubunebwe ni inzira igeza ku buretwa.

Ubunebwe bwanga gukora cyane Kandi mu "gukora cyane", kandi mugukora cyane ndavuga gukora umurimo ukoreshejwe ubwenge n'ubuhanga. Gukora cyane bijya bitera umunaniro bitaguhaye umusarura mwiza buri gihe. Ariko, gukoresha ubwenge birimo gukoresha ibikoresho by'ukuri ndetse n'imigambi y'ukuri kugira ngo usohoze ibyo wiyemeje byoroshye kandi neza. Gukoresha ubwenge bishimangira kugira umurongo, kumenya ibibanza gukorwa no gukoresha umurongo, bigufasha kugera kuri byinshi ukoresheje imbaraga nke. Koresha ubwenge maze uzayobora muri uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nanze gupfa nkennye! Nanze umwuka wose w'ubunebwe kandi mpisemo gukoresha ubwenge. Uko nsenga, imigambi yanjye ni iy'Imana. Nkoresheje ubwenge bwe, ndateganya, nkareba iby'ingenzi Kandi nkakoresha neza imitungo. Amadeni akuweho! Ubukene burampunga, kandi mpagurutse ngo nyobore mu ntsinzi no mu mwuzuro muri buri kimwe cyose nkora! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 24:33-34

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Abami 23:10-25; 1 Ingoma 1:1-16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mata 26

## GUSHYIRA IMBERE IBY'INGENZI

### Abafilipi 3:8

**Ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw'uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugira ngo ndonke Kristo.**

Bigeze kuvuga inkuru y'ukuntu Imana yari ifitanye gahunda na Jesse Duplantis, Intumwa y'umunezero. Bwari bwije mu ijoro, hafi saa cyenda z'ijoro, igihe Imana yinjye mu cyumba cya Jesse maze iramuhamagara iti, "Jesse, byuka!" Jesse afungura amaso ariko agisinziriye, kubera uko yari asanzwe asetsa, aransubiza ati "Mana, ndasinziiriye. Kuki utaje saa yine?" Imana iramusubiza iti, "wari uhuze uri kureba filime."

Bitekerezeho! Imana yari yateganyije gusura Jesse hakiri kare mu ijoro, ariko urusaku ndetse n'ibyamuhuzaga muri televiziyo byatindije uwo muhoro n'Imana. Muri iki kiganiro gito ariko gikomeye, twongera kwibutswa uburyo byoroshye gucikanwa n'ibihe by'ubumana igihe wahaye agaciro ibinezeza by'isi. Ni uguhamagarwa kuri twese ngo duhe umwanya Imana kandi dushyire imbere ukubaho kwayo hejuru y'ibirangaza bishaka gutwara umwanya wacu n'intumbero yacu.

Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, wumve cyane Imana kandi uhe umwanya ukubaho kwayo. Gusenga bizatuma wumva ibyo ishaka mu gihe ishaka. Uko dushyira imbere ibintu by'ingenzi mu buzima, umwete wacu mu gushaka Imana bigomba kuba ibya mbere.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura umurongo ngenderwaho w'umwuka ku buzima bwanjye. Ndatura kandi ndategeka ko ntazatakaza gahunda mfitanye n'Imana muri uyu mwaka, mu Izina rya Yesu! Amen!

### IBINDI BYANDITSWE

Abakolisayi 3:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 1:17-3:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mata 27

## SINABOHWA

### Mariko 5:3

**... ntawari ukibona icyo ashobora kumubohesha n'aho waba umunyururu,**

Mu mateka, iminyururu yabaye ibikoresho byo gutoteza no gufunga kugira ngo babuze abantu umudendezo no kwisanzura. Abacakara babaga baboshywe n' iminyururu iremereye ku birenge byabo, buri uko batambuka ikavuga byabibutsaga umudendezo wabo banyazwe. N'uyu muni muri gereza bakoresha iminyururu yo mu nda ndetse n'amapingu kugira ngo babuze imfungwa kuba zagenda habe na gato. Iyi minyururu y'iki gihe ikora umurimo umwe n'indi ari wo: kwambura imbaraga umuntu.

Muri Mariko 5, dusoma iby'umugabo wari warabaswe n'abadayimoni. Bibiliya ivuga ko, "ntawari ukibona icyo ashobora kumubohesha - ntiyahohwaga - n'aho byaba iminyururu." Niba abadayimoni borohereje bari muri we baramuhaga izo mbaraga zidasanzwe, tekereza imbaraga ufite muri Yesu, Uca Iminyururu, uri muri wowe!

Haguruka mu mbaraga z'Umucunguzi wawe! Uwasizwe atuye muri wowe. Ntabwo uri utagira imbaraga. Nta mudayimoni wakuboha; nta munyururu wakuboha. Ndatira kandi ndategeka nk'Umuhanuzi, buri gutotezwa kose ko kuvuyeho mu buzima bwanjye! Nciye buri masezerano yose ya satani mpereye ruhande!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatira kandi ndategeka ko nkora byose binyuze mu Uwasizwe ndetse n'amavuta Ye ankomeza. Buri mutwao wose ukuweho! Nta mikorere y'isi cyangwa ya Satani izambuzza gukomeza imbere. Nzatembera muri uyu mwaka. Nta mbaraga z'abadayimoni zizafata bunyago ubucuruzi bwanjye, umubano wanjye, umurimo w'Imana cyangwa se amafaranga yanjye. Sinshobora kubohwa mu Izina Rikomeye rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSE

Yesaya 10:27

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 3:10-6:30

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mata 28

## UKO DOMINO IKORA

### **Abeheburayo 13:4**

**Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza, kuko abahehesi n'abasambanyi Imana izabacira ho iteka.**

Gushaka bikunze kuvugwaho nabi, abantu bamwe babyita “umupira n’umunyururu,” bashaka kuvuga ko isezerano ryo kubana Ari nka gereza kurenza uko ari ugufatanyiriza hamwe. Ariko, bitandukanye n’iyi myumvire ya kera, ubushakashatsi bugaragaza ko abagabo bubatse ingo babaho bishimye kandi bakabaho n’igihe kirekire kurusha abatubatse. Igitangaje ni uko atariko bihora bimeze ku bagore. Impamvu imwe ishobora kubisobanura ni ubushakashatsi bwa science buvuga: gusomana kumara amasegonda atandatu.

Gusomana bikomeza umubano hagati y’abashakanye, bikazana ibiyumviro rimwe na rimwe amagambo adashobora gusobanura. Gusomana kandi bifite icyo bihindura ku mikorere y’umubiri wa muntu. Iyo abakundana basomanye, ubwonko bwabo burekura imiseburu yitwa “oxytocin” (Imiseburu y’urukundo), “dopamine” (umuseburu w’ibyishimo), serotonin (umuseburu w’amarangamutima). Ibi binyabutabire bishobora gutuma habaho ibiyumviro by’ibyishimo.

Nubwo ibyo bishobora kumvikana nk’umugenzo, gusomana by’akanya gato, harimo ubushake bishobora guhindura ya myumvire yuko urushako ari gereza ikavamo ubusabane bwimbitse. Rero, aho kuvuga ko ‘ufungiwe mu rushako,’ fata umwanya wo gusomana n’uwo mwashakanye amasegonda atandatu uyu muni. Bishobora kuba aribyo bibura ngo urekere kumva ko ufunze ugatangira kumva mwongeye kunga ubumwe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndatura kandi ndategeka ko urushako rwanjye ari umugisha, si umutwaro. Nubaha uwo twashakanye, kandi igikundiyo cy’Imana kiri ku rushako rwanjye. Ndatura umunezero, amahoro n’urukundo nyarwo mu rushako rwanjye mu Izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 7:3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Ingoma 6:31-8:28

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mata 29

## UKWIZERA KUTANYEGANYEZWA

### Yeremiya 20:9

**Kandi iyo mvuze nti “Sinzamuvuga, haba no guterurira mu izina rye”, mu mutima wanjye hamera nk’aho harimo umuriro ugurumana, ukingiraniwe mu magufwa yanjye simbashe kwiyumanganya ngo nyabike.**

Kubw’ubuntu bw’Imana, uyu murimo w’Imana wacu waragutse ugera ku bantu miliyoni 3.2, ariko ntiwatangiriye kuri iki kigero. Habayeho ingorane, n’imbogamizi, ndetse n’ibihe aho ukwizera ari cyo kintu cyonyine twari dufite. Ariko kwari ukwizera kutanyeganyezwa – ukwizera kuvuga kuti, ‘Nzi neza ko Imana yanjye itazandeka!’

Yeremiya yarazi agahinda ko kwiyumwira ko yaretswe, ndetse no kumva ko yashutswe, n’amasezerano y’Imana. Ariko yagumanye umuriro wamushoboje gukomeza kujya imbere. Igihe abakuzengurutse bose baguseka, ntibakumve, cyangwa se igihe umuryango wawe ukurwanya, ni umuriro w’Imana ugushoboza gukomeza kugenda. N’igihe ababyeyi bawe, abavandimwe bawe, cyangwa se inshuti zawe za hafi zisa nkizagutereranye, ukwizera kwawe kugomba kuguma guhamye.

Ukwizera kutanyeganyezwa si uko kugira imbaraga zo gukora ibitangaza gusa; ahubwo ni imbaraga zo gukomeza, gushikama, no guhagarara igihe ibintu byose bisa nk’ibiri gupfa. Komeza kwatura amasezerano y’Imana, ndetse no bihe biruhije unyuramo. Ndekuye ukwizera kutanyeganyezwa kuri wowe kuzatuma ukomeza guhagarara utitaye ku biri kukubaho muri uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndatura kandi ndategeka ko mfite ukwizera kutanyeganyezwa. Sinzanyeganyezwa cyangwa se ngo ntsindwe. Imiyaga no kurwanywa ishobora kuza, ariko nzakomeza guhagarara. Ukwizera kwanjye kurahamye, kuranasha, kandi kubona amasezerano y’Imana asohora mu buzima bwanjye. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 1:2

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Ingoma 8:29-11:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mata 30

## ICYEMEZO KIDAKUKA

**Kuva 23:22**

**Ariko numwumvira by'ukuri ugakora ibyo nzavuga byose, nanjye nzaba umwanzi w'abanzi bawe n'umubisha w'ababisha bawe.**

Umwaka ushize, mu mukino w'iteramakofe wari utegerejwe cyane, Jake Paul yatsinze uwari uzwi nk'igihangange gikomeye Mike Tyson asenya izina yari yarubatse. Tyson, watezaga impagarara mu mitima y'abo bahanganye nk'umuteramakofe wa mbere utinyitse ku isi, yarasimbuwe. Iki cyemezo kidakuka cyateje gutsindwa kwa Tyson bikuraho ibigwi yari afite. Nkuko byagenze, buri mwanzi wese wakurwanyije vuba aha agiye kubona umunsi we wo gukorwa n'isoni.

Ikosa rya mbere rikomeye umwanzi wawe yakora ni ugutekereza ko nta ngaruka bizamugiraho. Kuko Imana ishobora gutinza guhora kwayo, bagatekereza ko ntacyo bazaba. Ariko Imana ifite umunzani wayo w'ubutabera. Nk'uko imvura iva mu bicu byuzuye, izasuka uburakari bwayo ku banzi bawe. Imana ifite igihe cyose gishoboka mu isi kugira ngo yitegure, ntishobora gutsindwa.

Imana ntigira abanzi; irakomeye kubarusha bese! Ariko yasezeranye mu Ijambo ryayo ko abanzi bawe bahinduka abanzi bayo. Ntugatakaze imbaraga zawe ku bashaka kukugusubiza inyuma. Imana izakurwanirira, kandi igisubiza kizaba ari ntakuka: *Uri umutsinzi!*

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Abanzi banjye ni abanzi b'Imana; abandwanya ni abarwanya Imana, kuko Imana iri muri njye. Kubera Imana, nzagira ijambo rya nyuma, kandi icyo cyemezo kizaba ndakuka: *Ndi umutsinzi! Amen.*

### IBINDI BYANDITSWE

1 Samweli 2:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: 1 Ingoma 11:22-15:29

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Gicurasi 1

## KUREMWA MW'ISENGESHO

### Itangiriro 1:2

..... maze Umwuka w'Imana yagendagenda hejuru y'amazi.

Inkoko kazi yicara hejuru y'amagi yayo kugira ngo iyabundikire kugeza igihe iyaturaga, Muri icyo gihe iba yitaye cyane ku kurinda ayo magi. Mw'imbere mu igi, umuhondo w'igi uvamo umushwi uba witeguye guturaga igihe kigeze.

Mu buryo busa nubwo, iyo winjiye mu cyumba usengeramo, uba ugeze mugihe cyo kubundikira iterambere ryawe. Niyo mpamvu Nkunda kuvuga ko isengesho atari uguha amakuru Imana, ahubwo ni ukuremwa kwawe. Ni igihe kidasanzwe iyo uri kuremwa uri gusabana n'Umwuka Wera, kandi iyo umaze gukura, uhabwa urwandiko rw'ubutsinzi maze ukamera nk'uturazwe ukava mu ngorane wisanzemo! Reka kwihutira kuvamo mbere Imana itarasozanya nawe. Yemerere ibundikire hejuru y'ikibazo ufite.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko njya mu cyumba cyanjye cyo gusengeramo, ubuzima bwanjye burimo guhinduka, kandi Ndi kuba umutsinzi mu bigeragezo byose mw'Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 16:1-19:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Gicurasi 2

## **ABAMBASADERI B'IJURU (INTUMWA MU CYIMBO CYA KRISTO)**

### **2 Abakorinto 5:20**

**Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye umuntu udasanzwe ahubwo wahindutse ikiremwa cy'Ijuru**

Ihishurirwa ntaho ari amakuru uzi. Ahubwo n'amakuru ukoresha. Uyu muni reka ihishurirwa ry'iki cyanditswe rihinduke ukuri mu buzima bwawe. Urabona iki cyanditswe ntaho kiri kugaragaza Ijuru kw'isi, Ahubwo igihe wakiraga Kristo, wahindutse umwana w'Imana, igikomangoma hamwe na Kristo, wabaye umuntu udasanzwe ahubwo wahindutse ikiremwa cy'Ijuru

Ibyo bisobanuye ko icyo ugenda, Ijuru riba riri kugenda. icyo urimo kuvuga Ijuru riba riri kuvuga, ni Ijuru rya bivuze! Ntaho uba ugikorera ku mategeko y'iy'isi, nta nubwo uba ugitegekwa n'ubukungu bwayo. Kangukira uku kuri maze utangire ukoreshe ubwo budahangarwa ufite nk'Umwambasaderi w'Ijuru. Mu rugo iwawe, kubura nta mwanya kuhafite, indwara nta mwanya zihafite, ubwoba nta mwanya buhafite. Niwisanga hari icyo ubura, saba Ijuru aho uturuka maze uzabibona bigaragara muri iy'isi!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi ambasaderi w'Ijuru, Nd'ikiremwa cy'Ijuru kw'isi kandi Nkorera ku mategeko y'Ijuru mw'Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Petero 4:11

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 19:10-23:11

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Gicurasi 3

## GUKIRA INDWARA BIROROSHYE

**Matayo 15:26**

**Aramusubiza ati “Si byiza kwenda ibyokurya by’abana ngo mbijugunyire imbwa.”**

Mu cyanditswe cyo haruguru, Umwami Yesu yasanishije gukira indwara nk’umugati nyuma yaho umugore w’umunyakanani amwinginze ngo amukirize umukobwa we. yagereranyije gukira indwara nk’umugati w’abana, ibyo kurya bimenyerewe ku bana

Muri Spirit Embassy, tumaze kumenyera imvugo, “gukira indwara biroroshye”, kubera ko uko iminsi ihita abantu baza mu materaniro yacu, indwara z’uburyo bwose zidakira zirimo zirakira mw’Izina rya Yesu! SIDA, kanseri, ubuhumyi, ubumuga bwo kutumva, ubugumba ndetse n’izindi nkazo nyinshi zirimo gukira

Rero nk’umwana w’Imana, ntamishyikirano ufiteye n’uburwayi, Akira gukira kwawe mw’Izina rya Yesu! Tuza maze wizere igitambo cy’Imana yarangije gutanga. Yishyuye igiciro cyose ku bwo gucungurwa kwacu

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Kubw’imibyimba ye nakize indwara! Uhereye none, Mbaho mu buzima bw’ubumana. Sinzongera kurwara undi muni mu buzima bwanjye mw’Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 2:24

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Ingoma 23:12-26:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gicurasi 4

## URWANDIKO RW'UMUTUNGO W'IMANA

### 2 Petero 1:3

kuko imbaraga z'ubumana bwayo zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kũbaha Imana, tubuheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza

Ubwo Imana yaremaga Ijuru n'Isi, Yabanje gushyira ibintu byose mu mwanya wabyo mbere yuko ibiha Adamu. Nyuma yaho umuntu amaze kugwa haza Umwami wacu kandi Umucunguzi Yesu Kiristo kongera kudasubiza icyubahiro twahoranye igihe twabaga ntacyo tubuze, nta ndwara ndetse dufitanye ubusabane bwuzuye n'Imana.

Rero, ibyo ni byinshi tuvuze mu ncamake, ariko ukuri nyako ntiguhindka. Muri Kirisito, dufite byose dukeneye by'ubu buzima .Ndetse n'ubuzima bw'Umwami wacu butubera urugero rw'ubuzima buhenze kuko yakoreshaga uburyo bw'urugendo bwari buhenze cyane muri icyo gihe, yambaraga imyambaro igezweho, abasirikare b'abaroma barayifuzaga, kandi yari afite amafaranga menshi yo kugaburira abantu barenga 5000...

Ku birondora ntibyangira!

Uyu n'umurage Yagusigiye. Icyo ukeneye cyose, andikira Yesu, kandi uzakibona!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahawe umugisha w'ibintu byose nkeneye muri ubu buzima, Mbifite mu bubiko bwanjye mw'Izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:10

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 26:20-29:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Gicurasi 5

## IJAMBO RY'IMANA RYIGENDERA

### 2 Abakorinto 3:2

**Ni mwe rwandiko rwacu rwanditswe mu mitima yacu, urwo abantu bose bamenya bakarusoma**

Wumvise neza indirimbo yubahiriza Goodnews World? Wumvishe igice kivuga ngo, “dufite umuhamagaro...turi ijambo ry’Imana ryigendera, ibimenyetso n’ibitangaza .”

Icyanditswe hano kitubwira ko turi inzandiko, turi ijambo ry’Imana ryigendera. Aho ujya hose, uvuga ijambo ry’Imana na mbere yuko ubumbura umunwa, uri umucyo umurika mu mwijima; uri ikimenyetso kandi uri igitangaza.iyo ugaragaye Yesu aba agaragaye!

Rero uyu muni, jyira umuntu uhindurira umunsi. Ba ikimenyetso cy’ibyiringiro. Jyira uwo uzamura binyuze mw’Ijambo ry’Imana ugendana. Reka isi yumve urukundo rw’Imana muri wowe. Urukundo rw’Imana rwamaze kwaguka mu mutima wawe. Nubikora,uraza kubona kwaguka mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ugaragaza ijambo ry’Imana. Nzana ibyiringiro, amahoro n’urukundo aho njya hose.Ndi ijambo ry’Imana ryigendera mw’Izina rya Yesu! Halleluyah!

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 10:16; Abaroma 10:15

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Ingoma 29:20-30; 2 Ingoma 1:1-4:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Gicurasi 6

## IMBUTO ITABORA

### 1 Petero 1:23

**kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho.**

Igihe wakiraga Kirisito, wowe nyawe umwuka wawe, byavutse ubwa kabiri biturutse hejuru mu mbuto itabora (intanga) y'ijambo ry'Imana mu buzima buhoraho. Uturema ngingo ufite ntago twangirika. Ni ngombwa gushingira kuriyi myumvire yuku kuri . Iyo umaze kubisobanukirwa, ntuzongera kurwara n'undi muni mubuzima bwawe kugeza ugeze mu buzima bwiteka.Halleluyah!

Ntaburyo na bumwe kanseri,SIDA cyangwa se indi ndwara iyo ariyo yose yakwangiza imbuto y'Imana. Ariko bisaba ko wemera uku kuri ko nta ndwara ifite uburenganzira bwo kuba mu mubiri wawe aho wowe wanyawe n'umuntu w'umwuka, batuyemo. Agakiza wakiriye kongeye ku kubeshaho mu rwego rwo kutagira icyo ubura ndetse no kutagira icyangirika, rero tangira gutegeka umubiri wawe kugendera ku kuri k'Umwuka wawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nabyawe n'imbuto itabora y'Imana. Ndirukana indwara iyo ariyo yose mu mubiri wanjye. Nta nakimwe nzigera mbura cyangwa ngo cyangirike mu buzima bwanjye,mw'Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 4:11-7:22

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Gicurasi 7

## UBUZIMA BURENZE

### Umubwiriza 10:7

**Nabonye abaretwa bagendera ku mafarashi, na byo ibikomangoma bigendesha amaguru nk'abaretwa.**

Ibaze, nk'umubyeyi, ubonye umwana wawe abayeho ubuzima bwo gusabiriza, kandi waramuhaye byinshi birenze ibyo akeneye kugira ngo abeho kandi abeho ubuzima buhenze? Si ibyo gusa, ahubwo ukabona uwo mutungo urimo kwangizwa n'abantu bakwiye kuba bayoborwa n'umwana wawe.

Ngaho ibaze agahinda Imana igira iyo Ibonye abana bayo bababara kandi bayinginga ngo ibakorere igitangaza bave muri ubwo buzima bukomeye. Kandi, yaramaze kubaha ibintu byose bakeneye mu buryo bwuzuye. Reka uyu muni ube umuni iyo nkuru ihinduka mu buzima bwawe kangura umuntu udasanzwe uri muri wowe maze ufate uburenganzira bwawe. Gera kubuzima burenze bw'ubutunzi kandi ganza mw'Izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahamagariwe mu buzima busendereye. Muri uyu mwaka wo guca Iminyururu kugira icyo mbura s'umugabane wanjye. Imirongo iguye ahantu heza, kandi mfite umurage mwiza mw'Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Hoseya 4:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 8:1-11:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Gicurasi 8

## AMAGAMBO Y'UMURIRO

**Matayo3:11**

**.....Ni we uzababwirisha Umwuka Wera n'umuriro.**

Umubatizo wa Yohana wari uw'amazi kugira ngo wihane ibyaha, ariko umubatizo w'Umwami Yesu wari uw'Umwuka Wera n'umuriro. Ufite ikimenyetso cy'umwuka n'imbaraga z'umuriro, ufite imbaraga zirenze zo kumena ibyakwitambika byose munzira yawe

Reba, iyo uvuze, amagambo yawe ntaho ari imbaraga, ahubwo n'igikoreshe gitwara imbaraga. Izo mbaraga zituruka ahantu h'isengesho, ahantu ho gutuza. Nkuko Yesu yajyaga amanuka k'umusozo maze akirukana abadayimoni, guhera uyu muni, tangira ubike amasengesho nk'ubitsa muri banki, wite kubyo uvuga, kuko amagambo yawe atwara imbaraga zitera impinduka mu bibazo ibyo aribyo byose. Byitegereze neza, uko usenga mu ndimi, urabona ibibazo bibura nk'ibiri gushya.

Ndetse no gutsinda ubugingo kuri Kristo biroroshye iyo amagambo yawe asizwe umuriro, amagambo yawe azajyana imbaraga zikomeye zizahindurira imitima n'ibitekerezo by'abantu ku Mwami Yesu kristo.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndavuga hagasohoka umuriro. Amagambo yanjye arimo imbaraga .Buri gihe iyo mvuze, imitima irahinduka, abarwayi barakira, maze ibitangaza bikaba, mw'Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 1:16

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 11:13-15:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Gicurasi 9

## IMBABAZI Z'IMANA

**Amaganya ya yeremiya 3:22-23**

**Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, Kuko ibambe rye ritabura. Zihora zunguka uko bukeye, Umurava wawe ni munini.**

Urukundo Imana idukunda ntiruhinduka kandi ntrugira imipaka; ndetse tukiri n'abanyabyaha, Kristo yaradupfiriye. Atitaye ku bitekerezo bidahuye, imyizerere ndetse n'imigenzo, aracyadukunda kandi ategereje yihanganye ko tumugarukira. Na nyuma yuko tumugarukiye, imbabazi ze zihora ziba nshya buri gitondo, atubabarira ibicumuro byacu.

Ni ngombwa cyane gutekereza urukundo Imana idufitiye. Gutekereza uburyo buri muni duhora duhanagurwaho ibyaha. Ibi ntaho biduha uburenganzira bwo kuba mu byaha, ariko uko ubitekereza cyane, nawe uzatangira kugendera muri uwo mwuka w'urukundo. Rwany umwanzi kuko azaguhoye mw'isi yo gutekereza icyaha no kwiciraho iteka.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi imboni y'ijisho ry'Imana; nta cyantandukanya n'urukundo rwayo. Mbayero ubuzima butekereza ibyiza mw'Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:35-39

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 16:1-20:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Gicurasi 10

## INTWARO Y'IMANA YATORANIJWE

**Yeremiya 51:20**

**“Uri intorezo yanjye ndwanisha, uri n’intworo z’intambara, kuko ari wowe nzacagaguza amahanga kandi ni wowe nzarimburisha ibihugu.**

Ibaze! Igihe Imana igiye aho ibika intworo zayo gufata intworo yo kujya ku rugamba, maze igafata WOVE nk’intworo y’amahitamo! Niba ari ugukira indwara igiye guha umuntu cyangwa Inkuru nziza ikeneye ko imugeraho, cyangwa amafaranga ikeneye mu muyoboro w’ubwami, akaba ari wowe ihitamo. Ni wowe imana ihamagara gukora ubushake bwayo.

Ibyo bigomba kukubwira ko ntakintu gisanzwe kuri wowe! Uri umuntu udasanzwe muri Kristo (2Abakorinto 5:17), uwo satani n’abakozi be batamenyereye. Uyu muni uko ukora business yawe, ujya mu kazi kawe, ugende umeze nk’igisasu cyarashwe cyo gukuraho ibyitambika bibuza iterambere ryawe, bihungabanya gusakara k’ubu butumwa bw’Inkuru nziza.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi intworo y’intambara yatoranijwe n’Imana. Aho ntumwe hose, Ntanga umusaruro kandi nzana iminyago y’intambara mw’Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 10:22

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 2 Ingoma 20:14-24:14

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gicurasi 11

## NEZERWA, ISHIME

**Zaburi 118:24**

**Uyu ni wo muni Uwiteka yaremye, Turawishimiramo turawunezererwamo...**

Uku kwatura kutajegajega kugomba kuba amagambo yambere asohoka mu kanwa kawe buri muni uko utegeka umuni wawe. Ntacyo bitwaye ibyaza mu nzira yawe, byaba ibyiza cyangwa ibibi, wamazwe gufata umwanzuro ko uri bunezerwe muriwo uko ukomeza gushima ko ari impano ituruka ku Mana.

Ntuhwe umwanya ibitekerezo by'ibimaze iminsi bitagenda neza mu buzima bwawe. Niyo mpamvu bibiliya ivuga ngo, ntumukagire icyo mwiganyira, ahubwo muri byose, mushime Imana, kandi amahoro yayo azayobore imitima yanyu. Rero nuhura n'ibibazo mu buzima, nezerwa, ishime, tuma satani yiruka, kandi wishime ukibirimo, umenya ko byose bifataniriza hamwe ku kuzanira ibyiza! Uko unezerwa, uri gusubizwamo imbaraga, kuko bibiliya iravuga na none ngo umunezero w'uwiteka ni zo mbaraga zacu. Rero ni ngombwa kugumana umunezero; ni isoko y'imbaraga!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umunezero w'uwiteka ni imbaraga zanjye. Muri uyu mwaka wo guca Iminyururu Ntaho nzaba muni y'ibigerageze, kuko mfite imbaraga zo gukomera muri byo mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 4:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni:2 Ingoma 24:15-28:27

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Gicurasi 12

## UBUNDIKIRA

**Ibyakozwe n'intumwa 12:5**

**Nuko Petero arindirwa mu nzu y'imbohe, ariko ab'itorero bagira umwete wo kumusabira ku Mana.**

Wigeze witegereza iyo inkokokazi irimo gutera amagi, ukuntu iyahindura yitonze kandi ikayashakira ahantu hari ubushyuhe bukwiye ititaye ku mpiduka z'ibihe zihari? Iba yitegereza yitonze ishaka ibihe byiza kugira ngo amagi yayo aturage mu gihe gikwiriye.

Hano, turabona itorero ryanjira mu bihe nk'ibyo kubundikira, basengera intumwa Petero badacogora. barakomeje kugeza malayika w'Uwiteka aje gukura Petero muri gereza. Rimwe na rimwe, ukeneye kujya mu gihe gisa no kubundikira ukita kubyo wifuza kugeraho ubonye ikimenyetso cy'intsinzi mu mwuka wawe!

Sobanukirwa uyu muni imbaraga ukura mu gusenga maze utangire uzikoreshe mu kuzana impinduka mu buzima bwawe ndetse mu buzima bw'abandi bantu. Koresha igihe gikwiye mu gusenga, ndetse nka Eliya washyize umutwe hagati y'amavi ye kugeza abonye icyo yasengeraga.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkoresha ububasha mpabwa n'Imana mu kuzana mu buryo bugaragara ibyifuzo by'umutima wanjye nkoresheje amasengesho mw'izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abami 18:42-45

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 29-31

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Gicurasi 13

## INZABYA Z'IZAHABU

### Ibyahishuwe 5:8

**Amaze kwenda icyo gitabo, bya bizima bine na ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'Umwana w'Intama, bafite inanga n'inzabya z'izahabu zuzuye imibavu, ari yo mashengesho y'abera**

Iyo usenga, amasengesho yawe ashirwa mu nzabya z'izahabu, ayanwa imbere y'Imana nk'impumuro nziza imbere y'Imana. Byitegereze uko usenga, reba amasengesho yawe aya imbere y'Imana nk'impumuro nziza inezeza Imana. Amasengesho yawe anezeza Imana!

Ntakuntu rero Imana yakwakira amasengesho yawe maze ikayishimira maze ngo igusige itaguhaye igisubizo. Bibiliya iravuga ngo iki nicyo kidutera gushira amanga nuko icyo dusenze itwumva, Imana iratwumva. Kandi kubera ko itwumva, tubona ibyo twayisabye, Halleluya! Rero, nusenga jya umenya ko ibyo urimo kubitsa bijya mw'ijuru nk'umubavu uhumura imbere y'Imana

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi imboni y'ijisho ry'Imana. Nanditse mu biganza byayo. Izi umubare w'umusatsi wanjye kandi ibika amarira yanjye. Byukuri nkunzwe Nawe mw'Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 56:8

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 32:1-35:19

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Gicurasi 14

## **GIRA IJAMBO RY'IMANA URUFATIRO RWAVE**

**Abaroma1:17**

**kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo "Ukiranuka azabeshwaho no kwizera.**

Gira ijambo ry'Imana urufatiro mu buzima bwawe, ntabwo uzigera utsindwa. Nubwo umwanzu yagusunikira mu Nguni runaka, uzajya ubona akanzu buri gihe. Gukiranuka kw'Imana guhishurirwa no kwizera kandi gukomezwa nako, bisobanuye ko umuntu agomba kuzamuka mu kwizera kugirango ashidikire ikigero cyo hejuru cyo gukiranuka.

Ndetse n'indirimo y'ubahiriza "GoodNews World" irabihamya ko turi Ijambo ry'Imana ryigendera. Bivuze ko aho ujya hose, ijambo ry'Imana risomwa binyuze muri wowe. Ushobora gutuma umuntu umwe ahura n'Ijambo ry'Imana bwa mbere bikamuyobora kuri Kristo. Rero girwa n'Ijambo maze witigire guhindura isi hamwe n'ubuzima bwawe icyarimwe. Uko urushaho kujya mw'Ijambo ry'Imana cyane, niko ubushobozi bwawe bwo kumva bwiyongera, bigatuma ugira kwizera kwagutse, bikugeza ku bitangaza bikomeye

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ubuzima bwanjye buri guhinduka binyuze mu bwenge bwa Kristo uko ngaburirwa n'Ijambo ry'Imana. Kwizera kwanjye kuri kuzamuka ku rundi rwego rwo hejuru uyu mwaka, kandi nzakura munzira inzitane binyoroheye mw'Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 10:17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 35:20-36:23; Ezira 1-3

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Gicurasi 15

## UMUGISHA W'UWITEKA

**Imigani 10:22**

**Umugisha Uwiteka atanga uzana ubukire Kandi nta mubabaro yongeraho.**

Ibyo urabyumvise? Umugisha Uwiteka atanga ukugira umukire ntakindi yongeraho. Iyo Imana iguhaye umugisha, uba uhawe umugisha byukuri. Menya ko ari umugisha umwe ukubiyemo ibyo ukeneye byose mu buzima, Ukugira umukire. Ubukire butarimo guhangayika, kubabara cyangwa agahinda. Ubu nibwo buzima Imana ishaka ko ugira.

Iravuga ngo, "Ntuzirushye ngo urashaka ubukire, uzirinde no kubutekereza" (Imigani 23:4). Hanga amaso ku mugisha. Nk'umwana w'Imana, ubuzima bwawe bugomba kuba ubuzima busendereye. Rero, emera uku kuri k'uwo uri we nonaha ndetse nibyo wahawe. Hinduka utekereza umugisha kandi ukoreshe amasezerano y'Imana. Uri umukire muri Kristo vumbura ubukire bwawe. Ntiwemerere umwanzi ku kongorera ibitandukanye mu gutwi kwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umugisha w'Uwiteka undiho. Nahawe umugisha ntaho nahangayika. Amaso yanjye arafunguye ngo mvumbure ubukire bwanjye muri Kristo. Ubukire butarimo umubabaro mw'izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 6:33

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezira 4-7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Gicurasi 16

## **IMBARAGA BINYUZE MW'ISENGESHO**

### **1 Abakorinto 14:4**

**Uvuga ururimi rutamenyekana ariyungura, ariko uhanura yungura Itorero.**

Hari imbaraga zigomba kumenyekana binyuze mw'isengesho. Intumwa Pawulo yamenye izo mbaraga bituma ashima Imana kuko yavugaga mu ndimi kuruta abandi bantu bose bari aho. Yari arimo gusarura inyungu zabyo.

Uyu muni ndashaka ko umenya imbaraga ziri mw'isengesho ndetse n'uburyo ubihuza kugira ngo ubone imikorere y'amasengesho yawe. Iyo usenga mu ndimi, ni wowe wunguka; ni nka moteli, utanga imbaraga. ariko izo mbaraga zigomba guhuzwa naho zikenewe, nkuko moteli igomba kugira insinga ziyihuza n'igikoresho gikeneye amashanyarazi. Ni kimwe, imbaraga ubona zigomba guhuzwa n'icyo urimo gusengera. Ibitekerezo byawe bigomba gutumbira kucyo urimo gusengera kandi ugomba kwiterezwa ukabona igisubizo. Iyo uvuga, amagambo yawe n'igikoresho gitwara imbaraga ku kintu urimo gusengera. komeza usenge kugeza ubonye ikimenyetso cy'ubutsinzi

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi utanga imbaraga, kandi amagambo yanjye nicyo gikoresho gitwara imbaraga ku bitagenda neza. bizacishwa bugufi mw'izina rya Yesu! icyubahiro kibe icy'Imana.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 6:63

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezira 8-10; Nehemiya 1

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Gicurasi 17

## **BIGIREMO URUHARE**

**1 Samuel 17:46**

**Uyu muni Uwiteka arakungabiza nkwice nguze igihanga, kandi ndagaburira ibisiga byo mu kirere n'inyamaswa z'inkazi zo mu ishyamba intumbi z'ingabo z'Abafilisiya, kugira ngo abo mu isi yose bamenye ko muri Isirayeli harimo Imana**

Satani arakomeje kuri gahunda ye yo kugushyira hasi. azakomeza ahatirize kugirango arebe icyo yanyaga mu buzima bwawe kandi iyo abigezeho rimwe, azakomeza ashake n'ibindi kugeza igihe uzakomeza kumwemerera

Goliyati yacunaguje ingabo z'abisirayeli kugeza aho Sawuli n'ingabo ze babaye abanyabwoba ndetse batinya guhangana na we mu ntambara kugeza ubwo umwana muto w'umushumba yahagurutse abigiramo uruhare. Nkuko ubisoma mu cyanditswe, cyo haruguru, yatangiye kwatura neza ibyo yaragiye gukora n'impamvu agiye kubikora. Aho kwivovotera imiraba yo muri ubu buzima, bigiremo uruhare nkuko Dawidi yabigenje ba ari wowe ukura igisekuru cyawe mu munyururu

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndisubiza buri gice cy'ubuzima bwanjye kinjwemo na Satani, mw'izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Mariko 4:39

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Nehemiya 2-5

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gicurasi 18

## SHYIRA AGACIRO KU MAGAMBO YAWE

**Imigani 18:21**

**Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana.**

Amagambo atwara imbaraga ,yaba meza cyangwa mabi,kugeza aho bibiliya itubwira ko ubuzima n'urupfu bigengwa n'ururimi. Niyo mpamvu guha agaciro amagambo yawe ari ingenzi. Nk'umukristo wavutse ubwa kabiri, wahinduwe umwami n'umutambyi...ndetse wagizwe imana!Nkuko bibiliya ibivuga,"muri imana" (Zaburi 82:6; Yohana 10:34).

Ibyo bikugira igihangange kuruta umuntu wese utizera kubera ko,nk'umwami, amagambo yawe aca iteka bituma ahinduka itegeko;nk'umutambyi, uvugira umuryango wawe; nk'Imana... amagambo yawe afite ubushobozi bwo kurema ndetse n'ubushobozi bwo gusenya. Rero ni ngombwa guha agaciro amagambo yawe, ukarema isi wifuza kubamo kandi ukubaka n'abandi bakuzengurutse.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Amagambo yanjye arimo imbaraga; Ndatura iterambere mu buzima bwanjye, Ndatura amagara mu buzima bwanjye kandi Ndasenya amagambo yose mabi yavuzwe kuri njye, mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 12:18 Yakobo 3:1-10

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Nehemiya 6:1-8:8

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Gicurasi 19

## KORA IBYIZA KANDI NTUCOGORE

**Imigani3:27**

**Abakwiriye kubona ibyiza ntukabibime, Niba bigushobokera.**

Nk'abakristo, dukurikira ikitegererezo kidasanzwe twahawe n'umwami wacu Yesu Kristo. Iyo twitegereje uko Yitwaraga, tubona ko burigihe yagiraga umutima wo gukorera abandi ibyiza. Niyo yamenyaga ko biri butume batamwishimira, yarabikoraga uko byagendaga kose.

Uyu muni, uko uri bujye mu kazi kawe, ntureka kugira uwo ubera umugisha uwo muri buhure ako kanya akeneye ko umusekera, ijambo ryiza, ubufasha, icyo ari cyo cyose. Buri gihe jya ugira umuco wo kuba igikoresho cyatoranijwe n'Imana ngo gikore k'ubuzima bw'abafite icyo bakeneye. Komeza, ugaragaze urukundo kandi usangize inkuru nziza n'undi muntu uyu muni ukeneye cyane kubyumva.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi usakaza inkuru nziza, umukozi w'imirimo myiza uwo Imana yashingiraho ihamagara kubera ko ntajya ncogora, mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 13:2

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Nehemiya 8:9-11:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Gicurasi 20

## IZERE INZIRA BICAMO KANDI NTURAMBIRWE

**1 Samweli 19:1**

**Bukeye Sawuli abwira umuhungu we Yonatani n'abagaragu be bose ngo bice Dawidi**

Wavutse ubwa kabiri, wujjwe umwuka, wasizwe amavuta, ndetse wakiriye n'ijambo rya gihanuzi ariko kugeza ubu ibintu ntibigenda mu cyerekezo ubishakamo nkuko uba ubyiteze. ahubwo birushaho kuba bibi!

Yego mbere yuko uzabiranwa n'uburakari ,itegereze ubuzima bwa Dawidi. Yari yaratoranijwe n'Imana yo ubwayo ndetse asukwaho amavuta yo mw'ihembe na Samweli umuhanuzi mukuru muri icyo gihe, ariko reba uko yahungishije amagara ye nk'aho ari igicibwa, arara mu buvumo ndetse agera nubwo yihindura umusazi kugira ngo yiyoberanye.

Reronawe birashobokakourimogucamubiheby'umuhengeri, amafaranga yawe ashira mbere yuko ukwezi kurangira .wicika intege komeza utere intambwe .Reba uko umwami Dawidi nawe byaje guhinduka, umugabo Imana yavuze ko ariwe yishimira! Uyu mwaka wo guca Iminyururu nawe ibyawe bigiye guhinduka. mw'izina rya Yesu rikomeye!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ntewe umwete byuzuye n'ubu butumwa bwiza, ibyaza byose mu nzira yanjye, nzaguma ku ntego yanjye kugeza ngeze ku ntsinzi mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:28

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Nehemiya 11:22-13:22

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Gicurasi 21

## NTAKIBURA NTA N'ICYANGIRITSE

**Yohana10:10**

**Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.**

Kuva Adamu yagwa, umuntu yahindutse umupfu mu buryo bw'umwuka nuko ahumanywa n'ibizazane by'uburyo bwinshi. Ariko Umwami wacu n'Umucunguzi Yesu Kiristo aza kudasubiza icyubahiro twahoranye hamwe na Data.

Kuva wamwakira, wakuwe mu bwami bw'umwijima ujyanwa mu cyubahiro cy'ubwami bwe bw'umucyo. Ijambo 'Agakiza' ni ijambo sozo, bisobanura ko ntanakitwe kigomba kuba kibura kandi ntanakitwe cyangiritse mu buzima bwawe.

Hari agakiza k'ubugingo bwawe, aribwo wakiriye mu bugingo buhoraho. Hari kandi agakiza k'ubuzima bwawe, iterambere ryawe ndetse naburi kintu cyose kigendanye n'ubuzima bwawe, bigomba kumenyekana kandi ukabikoresha kugirango ugendere mu buzima busendereye nkuko Umwami Yesu yabitangaje.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nzavoma mu mariba y'agakiza, agakiza k'ubuzima, k'ubushuti, k'ubutunzi bwanjye mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 12:2-3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uuyu minsi: Nehemiya 13:23-31; Esiteri 1-4

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Gicurasi 22

## AMBARA INTWARO ZOSE

**Abefeso 6:11**

**Mwambare intwaro zose z’Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n’uburiganya bwa Satani**

Ntaho tuyobewe imigambi ya satani. Tuzi ko yuzuyemo amanyanga n’ubucakura bubi, buri gihe ahora ashaka kunyura ahantu tudafiteho amakuru.

Bibiliya iratuburira kandi ikatubwira kwambara intwaro zose, atari igice kimwe, ahubwo intwaro zose. Ni ngombwa kugendana ijambo kuko muri ryo ni ho hari uburizi ndetse n’urugamba! Nuramuka utambaye intwaro zose, ukingiwe igice kimwe kandi uzatungurwa nkuko byagendekeye Eva.

Buri gihe bigire umukoro gufata igihe cyo kwiga ijambo ry’Imana kandi usenge kuko n’utunga ijambo gusa, uzaturika, n’utunga umwuka wonyine, uzumagara, ariko n’utunga ijambo ry’Imana n’umwuka wera, uzakura ubashe guhangana n’imigambi ya satani

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Niyambika intwaro byuzuye n’ijambo ry’Imana. Satani nta bubasha amfiteho mw’izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 2:11

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Esiteri 5-10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatano, Gicurasi 23

## MUHANGE AMASO

### Matayo 14:2

**Aramusubiza ati “Ngwino.” Petero ava mu bwato, agendesha amaguru hejuru y’amazi kugenda asange Yesu.**

Intumwa Petero yerekanye ishusho igaragaza ibyo abantu benshi banyuramo mu buzima. yabonye Umwami Yesu agenda hejuru y’amazi amutegeka kumukurikira bimuremamo kwizera kudasanzwe ava mu bwato atangira kugenda hejuru y’amazi!

Ni kangahe wakongejwe n’ijambo ry’Imana nkatwe, nk’abigisha b’ubutumwa bwiza, vugisha ukuri, maze ukumva uhawe imbaraga zo kugenda ugatangira kubishyira mu bikorwa? Ushobora no kubiba imbuto rwose. ku wa mbere ugatangira gushyira imigambi yawe mu bikorwa, ariko ku wa Kabiri hagera ugahungabanywa n’umuyaga mukeya, ako kanya ugahita ucogora. Ibyo wari wakiriye byose bikamera nk’ibitwitswe n’umuriro bikanyura mw’idishya bikagenda. Ugahita utangira kurira ndetse no kwivovotera impamvu burigihe bikubaho.

Uyu muni, ikomeze. Komeza uhange amaso yawe ku ngororano, menya ko icyo ukomeza gutumbira cyose kizahinduka icyerekezo cyawe. Irengagize urusaku rukuzengurutse ugume ku ntego mw’izina rya Yesu!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkomeje guhanga amaso ingororano nkomeza kuguma mu ntego. Nta birangaza bizatuma ntakaza intumbero mw’izina rya Yesu! Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 3:14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yobu 1:1-5:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Gicurasi 24

## IBIMENYETSO BYO MU MWUKA

**Abaroma 8:14**

**Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana**

Ese uziko uri igikoresho kijyana kandi kikacyira ibimenyetso? Wari wafungura ikinyabiziga cyawe ukoresheje urufunguzo rwacyo ariko bikanga kuberako uri kure yacyo? Gerageza ushyire urufunguzo ku mutwe wawe maze ukande aho bafungurira; urahita ubona imodoka yawe ifungutse kubera ko umutwe wawe ufite ubushobozi bwo gutwara ibimenyetso!

Mu 1 ingoma 21:1, satani yahagurukiye kurwanya abisiraheli atera Dawidi gukora ibarura ry'abantu icyo n'ikimenyetso Dawidi yakiriyeye kuri satani. Niyo mpamvu ari ngombwa kuguma mw'ijambo ry'Imana ndetse no mu busabane n'Umwuka Wera kugira ngo usobanukirwe inkomoko y'ibimenyetso wakira. Yesu yaravuze ngo intama zanjye zumva ijwi ryanjye; zisobanukiwe ikimenyetso cyanjye. Ndetse n'icyanditswe cyo hejuru kirabyemeza ko abana b'Imana b'ukuri bayoborwa n'Umwuka.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Anteni yanjye y'umwuka iragutse kandi yumva umwuka w'Imana, buri muni ntyaza kumva kwanjye binyuze mw'Ijambo ry'Imana mw'izina rya Yesu! Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:27-28

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yobu 5:17-8:22

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gicurasi 25

## EJO NK'IKI GIHE

### 2 Abami 7:1

**Elisa aravuga ati “Nimwumve ijambo ry’Uwiteka. Uwiteka avuze ngo ejo nk’iki gihe, ku irembo ry’i Samariya indengo y’ifu y’ingezi izagurwa shekeli imwe, kandi indengo ebyiri za sayiri na zo zizagurwa shekeli imwe.”**

Mubihe by’akaga mu mateka y’abisirayeli ,hari ubwo umwanda w’inyoni bawufataga nk’ibyo kurya bya mu gitondo,ndetse ababyeyi batekaga abana babo nk’ibyo kurya bya nijoro mugihe igitero cy’ingabo nyinshi cyari cyaragose umujyi wose,Umuhanuzi w’Imana yaraje maze yatura ko ubukungu bugiye kumera neza –ntago byari mu mwaka utaha,ahubwo mu muni ukurikira!

Ibyo byari impinduka zidashoboka mu bitekerezo by’abantu,ariko Umuhanuzi yabivugiraga mu mboni z’umwuka! Dukorera Imana imenyereye ibisa n’ibidashoboka.Imana ntago yadusize nta muhanuzi mukuru muri iki gihe turimo.Zana ibyo bikuremereye maze wumve itegeko ry’Umwami,kandi urabona impinduka ako kanya mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ejo nk’iki gihe ,nzagenda mbohotse mu ngoyi zose zo gukena,indwara,cyangwa agahato.Nzatumbagira nk’ikizu mu bihe by’amakuba mw’Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 6:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yobu 9:1-12:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Gicurasi 26

## ABAGENZUZI BO MU MWUKA

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:3-4**

**Akigenda yenda gusohora i Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota. Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti "Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?"**

Intumwa Pawulo, wari uzwi nka Sawuli, yajyaga i Damasiko gutoteza abakirisito akubitwa n'umurabyo nuko ahura n'Umwami Yesu Kristo, byatumye asigara ari impumyi. Umva uburyo Ananiya, umwigishwa w'Umwami, yabwiwe kujya kurambika ibiganza kuri Pawulo kugira ngo yongere arebe. Hari nyuma yo kwibonanira n'Umwami, ariko n'ubundi Umwami yari akeneye umuntu aho hantu uri bumurambikeho ibiganza kugira ngo imboni ze zongere zirebe.

Muri uyu mwaka wo guca Iminyururu uzamuke urenge ibimenyerewe maze ube uwo Umwami akoresha kugira ngo ukure umuryango wawe wose mu mwijima. Ba ari wowe uhagarara mu cyuho ku bwabo. Ba ari wowe Imana ibwira ngo sinagira icyo nkora mu muryango wawe ntabanje kubikubwira.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi ugenzura ibyo mu mwuka mu muryango wanjye. Nsobanukirwa ibyo Umwuka anyoboramo bigendanye n'ibigiye kuba ndetse nibyo ngomba gusengera mw'izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:14

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yobu 12:13-16:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Gicurasi 27

## ABANA B'IMANA

### 1 Yohana 3:2

**Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari.**

Ese ibi ntibitangaje! Bibiliya ifite amagambo yihariye, by'umwihariko mu busobanuro bweruye. Umva uburyo uyu murungo usobanura byeruye ko ubu turi abana b'Imana. Bisa nko kudukangura udushishikariza gusobanukirwa no kumva ko twamaze kuba abana b'Imana!

Uku ni ugukangurwa kw'ingenzi cyane kubera ko hari imbaraga ugomba kumenya ziri muri uriya murungo. Twe twisobanura akenshi nk'abakristo, bishatse gusobanura abakurikira Kristo, irangamuntu twahawe n'abapagani! Mugihe irangamuntu yacu yanyayo ari uko turi abana b'Imana. Uburyo dukora ibintu, Uburyo tubibona n'Imyitwarire yacu yaba itandukanye turamutse mu byukuri tugendana iyo ndangamuntu. Ndetse n'ibyo tutumvikanaho n'andi madini byaba birenze ibindi byose.

Uyu muni, sobanukirwa uku kuri ko uri umwana w'Imana nonaha, ntago uri umwana muto, ahubwo uri umwana mukuru maze utangire ugendere muri ubwo butware.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubu ndi umwana w'Imana, kandi nkanguwe n'uku kuri ndetse n'Ubutware mw'izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 8:5; Zaburi 82:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yobu 16:11-20:11

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Kane, Gicurasi 29

## GUKORA NK'IMANA

### Itangiriro 1:26

**Imana iravuga iti “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe...**

Igihe Imana yaremaga umuntu, Yamuremeye gusa(ishusho) no gukora(kumera) nka yo. Rero Adamu aremwa, yasaga nk’Imana kandi yakoraga nk’Imana. Ibi bigaragara igihe Imana yaremaga inyamaswa mu mukungugu nuko ikazizanira Adamu ngo ari we uzita amazina, maze zibaho!

Ubwo bushobozi bwo kurema buracyari muri wowe uyu muni kuko wabyawe ubwa kabiri n’Umwuka w’Imana. Niyo mpamvu Bibiliya ivuga ngo naravuze ngo muri imana! Ufite ubushobozi bwo kurema icyo wifuza cyose kikabaho ugendeye ku rugero rwo Kwizera ufite.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremewe gukora nk’Imana naremwe mw’ishusho yayo kandi meze nkayo hamwe n’imbaraga zayo zo kurema ziri muri nje. Nkuko Adamu yaremye ubuzima bukabaho, Ndatara ubuzima mu butware bw’Umwuka. Mu kwizera, Ndazana ibitagaragara mu bigaragara. Ndatara kandi ndategeka ko ntakintu kiri hejuru yanjye uyu mwaka. Ndazamutse mu kwizera kandi ndarema isi yanjye uyu muni! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yobu 24:13-29:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Gicurasi 30

## ESE AYA MAGUFWA YAKONGERA KUBAHO

### Ezekiyeli 37:3

**Maze arambaza ati “Mwana w’umuntu, mbese aya magufwa yabasha gusubira kubaho?” Ndamusubiza nti “Mwami Uwiteka, ni wowe**

Muri Ezekiyeli 37, umuhanuzi yajyanywe mu kibaya cyuzuyemo amagufwa yumye—nk’ikimenyetso cyo kutagira ibyiringiro ndetse no kutagira ubuzima.Imana yamubajije ikibazo cy’ingenzi,” Ese aya magufwa yakongera akabaho?” Ezekiyeli asubizanya ubwenge ngo “Uwiteka ni wowe ubizi” nuko Imana itegeka Ezekiyeli guhanurira amagufwa,maze uko yavugaga,impinduka zitangaje zitangira kuba. Maze amagufwa arongera araterana,atwikirwa n’umubiri, maze umwuka w’Imana urongera uyabeshaho ahinduka ingabo zikomeye

Muri uyu mwaka wo guca Iminyururu nta kigeragezo kiri hejuru y’Imana. Ibisa nk’ibidafite ubuzima—byaba ari amagara yawe,ubukungu bwawe ,ubushuti, cyangwa inzozu—byakongera kubeshwaho n’ijambo ry’Imana ndetse n’Umwuka wayo. Uko wisanisha n’ijambo Ryayo maze ukavuga ubuzima mu bigeragezo urimo,ibitangaza biratangira kuba.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka, ntangorane mu buzima bwanjye zaruta imbaraga z’Imana. Ndahanura ubuzima muri buri gice cyumagaye kandi kidafite ubuzima mu kubaho kwanjye. Mu kwizera,Ndabona guhembuka,gukira indwara, ndetse no kwaguka birimo kuza iwanjye. Umwuka w’Imana uranyuzuye,wongera kubeshaho inzozu zanjye,uri kumpa imbaraga nshya, ndetse n’impinduka mu buzima bwanjye. Mpagurutse muri uyu mwaka, nk’ubuhamyza buzima bw’imbaraga z’Imana zitangaje. Aya magufwa yumye azongera abeho,mw’izina rya Yesu rikomeye! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Ezekiyeli 37:10

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yobu 29:14-32:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Gicurasi 31

## HIMBAZA UWITEKA

### Zaburi 103:2

**Mutima wanjye himbaza Uwiteka, Ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose.**

Uko dugeze ku mpera z'ukundi kwezi, fata umwanya wo guhimbaza uwiteka hamwe nibiri muri wowe. Mushimire ibintu bifatika yagukoreye kandi umuramye kubw'ibintu bitabarika uzi ndetse nibyo udashobora gusobanukirwa.

Muri bibiliya haravugaga ngo Imana ntikiranirwa ngo yibagirwe imirimo yawe ndetse n'ibyo ukorana urukundo (Abaheburayo 6 :10), bisobanuye ko ari bibi kwibagirwa ibyo Imana yadukoreye. Ibaze ukuntu wiyumva iyo hari ibyo ukorera abandi, maze ntibagushimire, habe na murakoze ku bw'imbaraga zawe.

Rero uyu muni ,shima Uwiteka. Ishimire ibyo akomeza gukora mu buzima bwawe. Mu kubikora gutyo uraba umuteye kwigaragaza ndetse no kwerekana ko yakora ibiruta ibyo cyane!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahimbaza Uwiteka hamwe n'ibindimo byose. Mpora nibuka ibyo yankoreye kandi akomeje kunkorera nje n'umuryango wanjye mw'Izina rya Yesu! Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 100:1-5

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yobu 32:11-35:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Kamena 1

## SHIKAMA MU IJAMBO RYE

### 2 Petero 1:12

**Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyo, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu.**

Imana irakuzi kurusha uko wowe wiyizi. Ni umuremyi wawe, kandi asobanukiwe buri gace k'imibereho yawe. Iyo Imana ikuvugishije, iba ishaka ko Imana muri wowe isubizanya kwizera ubutumwa bwatanzwe. Imana ikora ibintu byose ari uko yigishije inama. Ni yo Jambo (Yohana 1:1), rero ivuga igendeye ku Mana iri muri wowe. Imana iri muri wowe iba igomba gusubiza ijambo ry'ubuhanuzi ryakuvuzweho binyuze mu kwizera, ibisubizo uzabona bizaba ari ibidahakanwa.

Buri gihe Imana ibwira umwuka wawe ukuri kuriho. Muri uyu mwaka emerera Imana muri wowe isubize ijambo ryayo nta mbuto nimwe yo gushidikanya, ubundi wirebere ibisubizo ubwawe. Ntukemerere satani ko yiba ijambo ry'Imana. Imana yavuze ko ifite inzira biriyoni ngo iguhe biriyoni z'amadorari. Byakire, kandi koko uzagendera muri ibyo byiza mu izina rikomeye rya Yesu! Amen!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkangukiye ijwi ry'Imana rivugisha Imana iri muri nyewe. Nakiriye Ijambo ry'Imana mu gaciro karyo Nyakuri. Sinshobora gutsindwa; Muri ibi, ndatsinda muri Yesu. Imana ihimbazwe! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 2:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yobu 36:1-39:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Kamena 2

## REKA UMUCYO WAVE URABAGIRANE

### Imigani 3:15

**Buruta amabuye ya marijani, Kandi mu byo wakwifuzza byose, Nta na kimwe cyabuca urugero.**

Muri siyansi bivugwa ko zahabu ari ryo buye ry’agaciro rishakishwa kurusha ayandi, ryakomotse mu iturika ry’imibagane ryitwa “Super nova”. Imigabane yarashyushye cyane ibyara zahabu. Bishatse kuvuga ko zahabu yavuye mu migabane.

Hano hari ikintu gitangaje, Ibiremhamuntu byifitemo Zahabu. Ndetse, hafi ya buri kintu cyose kiri mu bidukikije wagisanga mu muntu. Ushobora kuba utabizi gusa wifitemo Zahabu—Nubwo ari nkeya. Byonyine kuba wifitemo amabuye y’agaciro muri wowe, bigaragaza ko hari ikintu cy’agaciro cyane kiri muri wowe gitegereje kugaragara. Imana igufata nk’uwagaciro kenshi, ku kigero cyo kuguha ubutunzi bwe bukomeye—Umwuka wera—uri muri wowe, uru rwabya rw’ibumba.

Umwuka wera uri muri wowe afite agaciro kurusha Zahabu. Ujye ugendana ubu bumenyi ko Imana ituye muri wowe, Kuko uri uw’agaciro kuri we. Uri ikiremwa cy’umwuka gikize, kifitemo Zahabu. Niwezwa n’ijambo ry’Imana uzarabagirana kurusha inyenyeri zo mu isanzure. Uri umucyo uzana urumuri ku isi y’umwijima ukugose.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkurikira inzira yaka. Nzakomeza ndabagirane hamwe n’ijambo ry’Imana ari ryo mucyo w’inzira yanjye aho nzaba ndi hose, Mu izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yobu 39:13-42:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Kamena 3

## RASA KU NTEGO

**Mariko 11:23**

**Ndababwira ukuri yuko umuntu wese wabwira uyu musozi ati 'Shinguka utabwe mu nyanja', ntashidikanye mu mutima we, yizeye yuko icyo avuze gikorwa yakibona.**

Wabashije gutahura umwihariko uri mu magambo ya Yesu? Abakristu benshi basigara kuri "Icyo ari cyo cyose" batitondeye neza kuri "Uyu musozi." Mu nzira yo gusenga cyangwa se ubuhanga bwo gusenga, kurasa ku ntego ku byifuzo usengera, ni urufunguzo ku bisubizo byawe.

Ni uwuhe "musozi" ushaka kubona wahindutse ngo uhindure ahazaza hawe? Ikintu kihariye ukeneye ko gihindura inkuru y'ubuzima bwawe kigomba kuba intego y'isengesho ryawe.

Uyu muni hashobora kuba hari ibintu byinshi ushaka kugeraho, intego nyinshi ushaka kugeraho, gusa icyanditswe cy'uuyu muni kivuga ko utagomba gutekereza ibintu byinshi igihe usenga. Urutonde rwawe rw'ibyo usengera rugomba gushyira imbere cya kintu kimwe ushaka kubona gikorwa nonaha, Kandi uko usenga witaye cyane kuri icyo kintu kimwe, kizakorwa na So wo mu Ijuru!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi ko Imana isubiza Isengesho. Icyifuzo cyanjye uyu muni kirihariye Kandi nziko uko nsenga, anyumva. Ku bw'ibyo, icyifuzo cyanjye gisubijwe nonaha mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 21:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Yobu 42:10-17; Zaburi 1:1-5:7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Kamena 4

## KUBERA IKI GUSENGA

### 1 Abatesalonike 5:17 Musenge Ubudasiba.

Ni ingenzi cyane gusobanukirwa impamvu Umukristo asenga. Gusenga bigomba gukoranwa ubumenyi, cyane cyane iyo hari icyifuzo kihariye cyatanzwe. Tuzi yuko Imana ibera hose icyarimwe. Ni kuki dusenga niba Imana ibera hose icyarimwe?

Abefeso 4:10 hatubwira ko igihe Yesu yazutse ,akazamuka hejuru,kure y'amajuru ngo yuzure ibintu byose. Ibi bihamya kubera hose kw'Imana. Ntabwo Isengesho ari ukumenya gusa ko Imana ihari,ahubwo ni ukwemerera imbaraga zayo ngo zikore mu buzima bwacu ku bushake.

Umuntu usenga ni umuntu w'impinduka—Umuntu koko usobanukiwe imbaraga z'isengesho,Bibiliya itubwira ko turi abatsinzi no kurushaho muri Kristo uduha imbaraga.Bivuze ngo twahamagariwe kuba abarenze “Abanyamasengesho b'intambara (Prayer warriors)” basanzwe.Intego yo gusenga ni uguha ububasha Imana ngo yinjire mu kibazo cyawe.

Iyo usenga uha Imana uruhushya rwo kugira icyo ikora ku kibazo cyawe. Mu bihe by'imibano yaseniyutse,urushako rugoye,cyangwa se kutagira abana,ntuzasubire inyuma,ntuzarambirwe. Uzasengane umwete n'ibyiringiro. Ubundi urebe uburyo Imana mu bubasha bwayo ikora ku bwawe muri uyu mwaka.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzahatana mu gusenga kwanjye; Ndabizi ko igisubizo cyange kizagaragara. Ntabwo nzarambirwa;Ntabwo nzacogora, Kuko nzi ko Imana yanjye isubizanya isengesho umuriro! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE Abefeso 6:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**  
Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 5:8-8:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Kamena 5

## UBUHANGA BURI MU GUSENGA

**Yesaya 65:24**

**Maze ubwo bazaba batarantabaza nzabatabara, kandi bakivuga nzumva.**

Icyanditswe cy'uyu muni kitwibutsa yuko na mbere y'uko dusenga, Imana iba yamaze kudasubiza. Mu gihe tukiri gusenga, iba iri gukora. Imana iba izi ibyo uri busengere na mbere yuko ugira icyo uvuga. Isanzwe ibizi ko ukeneye amafaranga y'ishuri. Iba iri kurebera hafi urwo rushako, mbere yuko ushyira icyo cyifuzo ku gicaniro. Imana iba ikubona aho uri mu bwoba buhoraho kubera diyabete n'umuvuduko w'amaraso. Nyamara ikagumya ivuga ngo usenge!

Abakristo benshi birabagora gusenga, gusa kuva mu itangiriro Imana yaravuze ngo, "Bagire ubutware" (Itangiriro 1:26), itanga ububasha bwuzuye ku kiremnamuntu bwo kuganza no kuyobora isi. Iriya "Ba" nawe igushyiramo. Bivuze ngo kugira ngo Imana igire ikintu ikora hano kuri uyu mubumbe w'isi, ikeneye uruhushya, rutangwa binyuze mu isengesho rwawe. Iyo wirengagije gusenga, uhagarika ububasha bw'Imana bwo gukora ku kibazo cyawe. Ubu noneho usobanukiwe uburyo ari ingenzi cyane gusenga ubudasiba. Amasengesho yawe arekura imbaraga z'Imana mu buzima Bwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nta kintu na kimwe nta n'umuntu numwe uzampagarika gusenga. Mpaye Imana ububasha bwo kugerageza ibingerageza ikanshyira ahantu hagari. Amasengesho yanjye atwara ububasha bw'ubumana, kandi nzatera intambwe zidasanzwe mu Izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 91:15

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 9-10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Kamena 6

## IMBARAGA Z'IJAMBO RY'IMANA

### Zaburi 138:2

**Ndasenga nerekeye urusengero rwawe rwera, Nshimira izina ryawe imbabazi zawe n'umurava wawe, Kukwashyirishije hejuru ijambo ryawe kurisohozza, Ngo rirute ibyo izina ryawe ryose ryatwiringije.**

Imbaraga z'Imana zigarukira ku mipaka y'ijambo ryayo. Ibi bishatse gusobanura ko Nta kintu Imana izakora inyuma y'ijambo ryayo. Urugero Imana igereramo kwinjira mu buzima bwawe—Haba mu bucuruzi, mu muryango, mu mafaranga, cyangwa se mu buzima—bigenwa n'uburyo ushyira mu bikorwa ijambo rye. Ni ingenzi cyane ko usobanukirwa ko Imana yavuze by'umwihariko ko ijambo rizasohoka mu kanwa kayo ritazayigarukira ubusa, ahubwo rizasohozza icyo yaritumye.

Ni inshuro zingahe zihoraho umara uri kwatura ijambo ry'Imana ku buzima bwawe? Bibiliya iravuga ngo "Ukundwa, ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza" (3 Yohana 2). Saba buri sezerano ryose ubona mu ijambo ry'Imana, ubundi uryature ku bana bawe, ku buzima bwawe ndetse no mu bucuruzi bwawe. Imana ikwitezeho kugendera mu buzima bw'ubumana. Niba amagara yawe ari kunanirwa, atura ijambo ry'Imana ubundi uzabona amagara akugarukira. Halleluya!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze mu bubasha bw'ijambo ry'Imana. Ndatwira kandi ndategeka ko umuryango wanjye ufite amagara mazima, ubucuruzi bwanjye buzatera imbere, kandi nzumva inkuru nziza mu buzima bwanjye buri muni mu izina ya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abami 8:29

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 11:1-17:5

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Kamena 7

## TANDUKANA NA AZAZELI

**Abalewi 16:8**

**Aroni afindire izo hene zombi, icyo afindisha kimwe cyerekane iy'Uwiteka, ikindi cyerekane iyo koherwa.**

Mu cyanditswe cy'uyu munsu tubonamo ihene ebyiri zatanzwe: imwe yari yatambiwe Imana nk'igitambo, indi yajyanywe kwa "Azazeli". Iyi hene ya kabiri yo ntabwo yatambwe. Yo yari nk'umwikorezi w'inkuru mbi, byerekana kurekurwa kw'ibyaha by'abantu b'Imana bijanywa kuri Azazeli, umudayimoni ugenzura ubutayu kandi ufite mu nshingano ibibazo byose biba muri iyi si.

Ihene ijya mu butayu kuri Azazeli yitwa "iyo Koherwa". Bisobanuye ko yatwaye ibyaha by'abo mu itorero bose ako kanya ubwo yatangwaga n'umutambyi mukuru. Umwami wacu Yesu Kristo yabaye ihene nkuru yo koherwa, we wihanganiye ibyaha byacu byose ku musaraba. Igihe wakiraga Yesu nk'umwami n'umukiza wawe, ibyaha byawe byose wahise ubibabarirwa. Ubu wabohotse ku byagushinjaga bya kera. Baho mu buzima bushya bwo gucungurwa na Yesu bwakubohoye, ubundi ufate ibyiza byo kuba umwana w'Imana. Himbaza Imana!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi Umwana w'Imana; Nta mubano mfitanye n'umwanzi cyangwa se abambari be. Ngendera mu bwigenge bwo kuba Umwana w'Imana. Ndi hejuru y'Uburwayi no kugira intege nke, mbaho ubuzima bw'ubumana mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abalewi 16:10

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 17:6-18:36

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Kamena 8

## IMANA IRI KWISABA AMATURO

**Hagayi 2:8**

**Ifeza ni izanjye, n'izahabu na zo ni izanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.**

Ikosa abakristo benshi bakora ni ugutekereza ko iyo Imana ivuze ku gutanga ituro cyangwa imbuto, iba iri kuvuga ishingiyeye aho ubushobozi bw'abantu bugarukira, mu gihe yo iba iri kubwira Imana iri muri bo. Uri inzira y'itumanaho Imana ikoresha ivugana na yo ubwayo muri wowe. Ikibazo kivuka iyo usubizanyije imitekerereze y'ubukene mu cyimbo cyo kwemerera Imana muri wowe ngo isubize.

Imana irabizi ko ituye muri wowe mu cyubahiro cyose n'ubutunzi bwose bw'ubumana kandi yabasha gukorera iryo turo iri gusaba. Ariko iyo witambitse ubundi ugasubiza ugendeye ku mipaka n'ubukene bugaragara, uhagarika ubushobozi bw'Imana mu gukuba ituro ryawe cyangwa imbuto ku bwinshi. Imana irabizi ko uri umukire. icyo ni cyo kikuranga muri Kristo, rero baho nka we. Imana nivuga, ujye wemerera Imana muri wowe gusubiza, ubundi wirebere Umwuzuro mu buzima bwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mfite DNA y'Imana; mfite umurage w'ubukire. Ndi uwo Imana ivuga ko ndi we. Nanze gukena n'undi muni mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Ingoma 29:16

### **IMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 18:37-21:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Kamena 9

## WOWE N'IMBUTO WABIBYE

### Abafilipi 4:16

**Ndetse n'i Tesalonike mwoherejeyo ibyo kunkenura, si rimwe risa ahubwo ni kabiri.**

Nzi neza yuko ingingo y'imbutu n'amaturu itumvikana neza mu mubiri wa Kristo. Bishobora kugorana gushishikariza abakristo gutanga ku buntu ngo bashyigikire imishinga y'itorero, ibikorwa byo kwegera abantu aho bari, ndetse n'ivugabutumwa. Gutura no kubiba imbuto ni ikibazo gikomeye ku bakristo basanzwe—bidatewe no kubura amafaranga, ahubwo bitewe no kudasobanukirwa ndetse no kugira imitekerereze mike.

Ukeneye gusobanukirwa ko imbuto yawe ari amafaranga utanga uyu muni ngo agene ejo hazaza hawe wifuza. Gutura ni igikorwa cyo kwizera. Iyo ubiba mu itorero, ibikorwa byo kwegera abantu, ndetse n'ivugabutumwa, uba uri kwerekana icyizere ufitiye Imana mu kuguha ibyo ukeneye. Iki gikorwa cyo kwizera kibyutsa urwego rwo kwakira ruruta cyane ibyo wakwitaga bikazamuka bikagera ku mwuzuro no guhazwa muri byose. Uzagera ku rwego aho ntacyo uzajya ukena kandi ntanicyo ubura mu buzima bwawe kandi nta bufasha buturutse hanze buzaba bukenewe—haba none n'ahazaza na nyuma y'aho.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ububiko bw'Imbutu. Ntabwo nzasubira inyuma nibigera mu gutura, kuko ndi utanga anezerewe mu izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Tito 3:14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 22:1-24:6

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Kamena 10

## SHAKA UBWENGE

**Imigani 4:7**

**Yaranyigishaga akambwira ati “Ukomeze amagambo yanjye mu mutima wawe, Witondere amategeko yanjye, Ubone kubaho.**

Icyanditswe cy’uyu muni kivuga ko ubwenge ari cyo kintu cy’ibanze, kandi mu byo ushaka byose uba ukwiye gushaka ubwenge. Ikibazo ni uko abantu benshi biruka inyuma y’ama forumire, ibyemewe gukorwa n’ibitemewe gukorwa,nyamara bagakwiye gushaka gusobanukirwa. Nyamara ijambo ry’Imana ritubwira ko Kristo yaduhindukiye ubwenge. Iyo ufite Kristo,uba ufite ubwenge. Menya ko kuza kwa Kristo kw’isi byagaragajwe no gutanga: ”Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga” (Yohana 3:16)

Bivuze ko ubwenge buzana no gutanga,kandi gutanga bikubiyemo kubiba imbuto. Iyo ubibye imbuto,hari ubuntu butangira gukora mu bucuruzi bwawe,mu muryango wawe,no mu butunzi bwawe. Ubu buntu bwagura ubushobozi bwawe mu gutanga umusaruro no kubiba imbuto. Uri bubwakire none? Mu kubiba imbuto,wemerera ubuntu bw’Imana gukuba inshuro nyinshi imirimo y’amaboko yawe.Tangira utange usobanukiwe ko ubuntu bw’Imana buzongera iterambere ryawe mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ntanga ntitangiriye itama; Imbuto yanjye izamvugira mugihe ibindi byose bizaba bicecetse.Sinshobora kubura uburyo;ibyanjye biratandukanye. Nzakomeza kuzamuka hejuru cyane kandi naguke cyane.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 49:16

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 24:7-27:6

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Kamena 11

## **BA UMUTANYABIKORWA MU BINTU BIGARI**

**Luka 5:7**

**Barembuza bagenzi babo bari mu bundi bwato ngo baze babatabare, baraza buzuzamato yombi bituma yenda kurengerwa.**

Icyanditswe cy'uyu muni ni urugero rwiza rw'uburyo ubufatanye bukora. Menya ko ikiganiro cyari kiri hagati ya Petero na Yesu. Mu yandi magambo, ijambo ry'Imana ryaje kuri petero maze araryumvira, akurikiza amabwiriza, ubundi yakira ibintu byinshi. Nuko abafatanyabikorwa ba Petero baza kumufasha, ubwato bwabo na bo buruzura bwenda kurengerwa. Nubwo aba bafatanyabikorwa batigeze bumva Yesu mu buryo buziguze, ntibyababujije kungukira ku mwuzuro wari watanze.

Mu itorero, iyo bigeze ku kumva ijwi ry'Imana cyangwa se guhabwa iyerekwa, Ntacyo biba bivuze niba waratangiranye naryo cyangwa utari uhari, icy'ingenzi ni uko witabira mu gihe imirimo y'Imana igaragaye. Niba koko ari ijwi ry'Imana ryavuze, uzabona umusaruro ufatika.

Iyo ubonye amaso yahumye ahumuka, abatumva bakongera kumva, SIDA igahunga, Ibibyimba bikabyimbuka, ubugumba bukarangira n'ibindi n'ibindi, kiba ari ikimenyetso cyawe cyo gufatanya ibikorwa. Ubufatanye bwawe buzatuma ubu umwe mu bagize igikorwa kigari muri gahunga y'Imana. Haleluya!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Iyerekwa ry'Imana ni iyerekwa ryanjye; Gahunda y'Imana ni gahunda yanjye. Nzafatanye n'Imana mu gukora ibihambaye. Nishimiye cyane ko Imana yanzanye mu mugambi wayo ngo nkore icyo yampamagariye mu izina rya Yesu. Amen!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Mariko 4:36

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 27:7-31:5

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Kamena 12

## ITOZE GUTEGEKA AMAFARANGA

### Matayo 6:24

**Nta wucyeza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n’ubutunzi.**

Ingingo y’amafaranga ni ingingo benshi batinya kuvugaho mu mubiri wa Kristo. Benshi bashobora gutanga ibitekerezo yuko amafaranga atagomba no kuvugwaho mu buryo buziguye. Abandi bakumva ko iyo uvuze ku mafaranga uba uri kwigisha inyigisho z’iterambere; oya ahubwo twe turi abakristo bari gutera imbere. Turi kubaho mu ihishurirwa rya gihanuzi, ”apokalipusisi”, bisobanuye kvanwaho amagaragambya ku maso, ari ko kumenya ukuri k’ubuntu bw’Imana.

I kibazo nyacyo ni ubwoba bw’amafaranga. Ntabwo ushobora kurekura arenze ayo utinya. Njye nagushishikariza kudatinya amafaranga! Hari umwuka uba uri inyuma y’amafaranga, nyamara iyo utsinze ubwo bwoba, wakira ububasha ku mwuka ugategeka amafaranga. Iyo ubwo bwoba buvuyeho, kuganza kwawe ku mafaranga kuzashyirwa mu bikorwa. Kugeza uyu mwaka urangiye, amafaranga azakumvira mu bucuruzi bwawe no mu butunzi bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Amafanga ndayaganza, kandi ubwoba bw’amafaranga buri kure yanjye. Nzabaho ubuzima bw’iterambere kandi buzira umuze, nkuko mbyigishwa n’ijambo ry’Imana. Nzaguriza sinzaguza mu izina rikomeye ry’Umwami Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Luka 16:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 31:6-33:5

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Kamena 13

## REBESHA AMASO Y'UMWUKA

**Yobu 22:24**

**Ute ubutunzi bwawe mu mukungugu, N'izahabu ya Ofiri uyite mu mabuye yo mu masumo.**

Hari igihe cyabayeho mu mateka ya Isirayeli mu gihe cya Gidiyoni igihe Uwitwaga yamwiyerekaga. Umumarayika yabonekeye Gidiyoni,atangira kumubwira amagambo amubizamo imbaraga ,yatura ko Gidiyoni ari umugabo ukomeye cyane w'umunyembaraga mu buryo bw'umwuka. Mu buryo butangaje ,Gidiyoni yasubizanyije kutizera,arondora ibimuranga by'umurage w'iyi si,igisekuruza cye,n'ibyiciro abarizwamo mu buzima bwa buri muni,bisa nkaho ari byo bimuranga. Nyamara Imana yo yari yitaye ku umurage karemano;yatura ku bimuranga by'umwuka.

Reba,Isi y'umwuka isobanura uwo uri we nyakuri,bitari ibikuranga mu bigaragara. Niba Imana ivuze ngo uri umukire,bicakire,byizere ubundi utangire kubyatura. Rekerako aho guhanga amaso ku bibazo biriho ubu utangire urenze amaso ibigaragara.Tangira urebeshe amaso y'umwuka aho kurebesha aya y'umubiri. Wuzuye uturemangingo tw'ubumana. Ibone uko Imana ikubona. Ivuga ko uzaguriza amahanga,utazaguza;Uri hejuru gusa, nturi muni. Izere uwabivuze,ubundi ubone igitangaza cyawe uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi uwo Imana ivuga ko ndi we.Ndi urenga imipaka ,Ntera intambwe zikomeye,ndetse ndi igihangange mu isi y'umwuka.Ubuzima bwanjye buzahamya imbaraga n'icyubahiro cy'Imana mu izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abami 9:28

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 33:6-35:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Kamena 14

## **IBIMENYETSO BIVA MU YINDI SI**

### **1 Abakorinto 14:10**

**Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.**

Nakomeje kuvuga ibi bintu inshuro nyinshi ko nta jwi ritagira ubusobanuro. Ushobora kuririmba cyangwa se ukabyina indirimbo ndetse n'ingoma runaka zifite injyana iryoshye ukaryohereka. Ikiriho ni uko iyo ndirimbo udasobanukiwe ubyina, ishobora kuba ikimenyetso cyatuma abadayimoni baguteraniraho bakabona umuryango wo kunyuramo. Ibyo wumva, ibyo ubyina, ndetse n'ibyo uririmba, byose bitwara ubutumwa runaka mu isi y'umwuka, ushobora kuba utazi.

Ntugafate amajwi cyangwa se ubwoko ubw'aribwo bwose bw'indirimo uko wiboneye, kuko ushobora kuhakomerekerera mu mwuka. Hari indirimbo zimwe na zimwe zishobora kurema ikirere kigaragaramo ibintu bitangaje cyane, kubera ko zihamagara kuza kw'abadayimoni. Nta kintu gisanzwe ku majwi, ushobora kutamenya ubusobanuro bwabyo, ariko ukuri kuguma ari uko bishobora kuba irembo ryinjiza ikintu kibi cyangwa se kikazana abamarayika ngo bagutangarize urwego rushya rw'imigisha.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Muri uyu mwaka nzumva gusa amajwi ari ku muyoboro w'i Siyoni. Indirimbo zo guhimbaza Imana nizo zizava mu kanwa kanjye. Nanze kuba umuyoboro Satani akoresha afata abantu akoresheje imiziki none n'iteka ryose mu izina Rya Yesu Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 14:11

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 35:22-37:26

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Kamena 15

## KOMEZA UBIVUGE

**Yohana 6:63**

**Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri nta cyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo.**

Amagambo avuzwe agira imbaraga zo kureshya umwuka w'ibifitanye isano na yo magambo bikagira ibintu bishyira mu bikorwa. Iyo uvuga iterambere, umwuka ufite isano n'iterambere ujya mu mwanya wo kuzana imigisha ikagaragara mu buzima bwawe. Uko ukora ubucuruzi cyangwa se ikindi gikorwa, atura iterambere kandi ntiwishidikanyeho. Vugira mu mwanya w'imbaraga, aho Imana yaguhamagariye kuba, atari aho uri aka kanya. Wibuke ko kwizera kuzanwa no kumva, kumva ijamba ry'Imana.

Ntuzaceceke—Abakristo bacecetse bapfa bucece. Ni ikosa rikomeye cyane kugira ibitekerezo bibi, warangiza ukanabyatura. Amagambo agira imbaraga; aguma mu kirere ategereje kuzajya mu bikorwa mu gihe cya nyacyo. Amagambo mabi aba yoroshye gushyirwa mu bikorwa kurusha ameza, nuko rero irinde kuvuga magambo mabi ku bana bawe, ku muryango wawe, no mu bucuruzi bwawe. Atura ubuzima buzira umuze, iterambere, kurama, no kwaguka mu muryango wawe muri uyu mwaka.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mvuga amagambo azana imigisha mu buzima bwanjye. Ndi umusaruro wibyo natura. Ndi umutsinzi sindi uwagizweho ingaruka. Ndi umukire kandi mfitte ubuzima buzira umuze. Nta kintu umwanzi yabikoraho, mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 3:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 37:27-39:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Kamena 16

## IBIRA MU IJAMBO

### Yeremiya 20:9

**Kandi iyo mvuze nti “Sinzamuvuga, haba no guterurira mu izina rye”, mu mutima wanjye hamera nk’aho harimo umuriro ugurumana, ukingiraniwe mu magufwa yanjye simbashe kwiyumanganya ngo nyabike.**

Umuhanzi Yeremiya yagereranyije ijambo ry’Imana “nk’umuriro” ugurumanira mu magufwa ye. Yirengagije gukwenwa, no kurwanywa, yanze kuba ushimisha abantu ahubwo avuga ukuri kw’Imana ashize amanga. Ijambo ryavuzwe rifite ububasha bwo kuzana ubuzima mu mubiri wawe, rigatuma amafaranga aza muri konti ya banki yawe ubundi rikarema ikirere cy’amahoro mu rugo rwawe. Ni ubuzima ku bugingo bwawe.

Ijambo ry’Imana niriba kimwe mu bikugize, ntabwo uzabasha kuribika. Nta yandi mahitamo uzaba usigaranye uretse kuryatura ku kibazo cyawe. Iga ijambo ry’Imana buri muni, uritekerezeho cyane, urireke rigukuze. Hindura ijambo ry’Imana ifunguro ryawe rya nijoro mbere yo kuryama ndetse n’irya kare mu gitondo, usubizemo imbaraga umwuka wawe maze utangire umunsi wawe neza. Kora ibi, maze uzajya ugira umunsi w’ubutsinzi buri gihe kugeza umwaka urangiye.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye buzaba ubuzima bw’ibitangaza, kuko ijambo ry’Imana ari ibiryo byanjye. Ntabwo nzicisha umwuka wanjye inzara, ahubwo nzajya nywugaburira neza ifunguro rikize ku ntungamubiri ziva mu ijambo ry’Imana, none n’iteka ryose! Imana ihimbazwe! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n’intumwa 4:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 40-42

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Kamena 17

## UMWANYA WO KURWANA

### 1 Timoteyo 6:12

**Ujye urwana intambara nziza yo kwizera usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagariwe ukabwaturira kwatura kwiza imbere y’abahamya benshi.**

Ijambo ry’Imana rimeze nk’isasu rishyizwe mu mbunda. Iyo ukuruye imbarutso, habaho guturika, kwangiza imigambi y’umwanzi. Ikibazo nuko wamaze gushyiramo amasasu ariko aho kugira ngo urase, urifata mu gihe umwanzi ari we arimo kukurasa.

Nta gihe gisigaye cyo kugirana ibiganiro na Satani. Ururimi rwonyine yumva ni imbaraga. Muri uyu mwaka ntuzaceceke habe na gato— birahagije! Niba uri umusirikare mu rubuga rw’intambara, ntabwo ukekeranya cyangwa ngo ubitekerezeho cyane; ugomba kurasa bwa mbere, mbere y’uko umwanzi abona akanya ko gukurura imbarutso. Ugomba kumutera mbere yuko agutera. Ntuzashidikanye ku kurekura imbarutso. Tangira urase umwanzi nonaha nta mpuhwe, mu ndimi zikomeye z’urufaya, maze urebe ngo umwanzi aratsindwa mu izina rikomeye rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi muri uru rugamba ku bw’umuryango wanjye, ubuzima bwanjye, abana bajye n’urushako rwanjye mu mbaraga zikomeye ku mwanzi. Ndi indwanyi sindi ikigwari. Ndi indwanyi yiteguye gutsinda buri kiyirwanya cyose kivuye mu mahema y’umwanzi mu izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 3:12

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 43:1-45:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Kamena 18

## **UBUKRISTO 2.0 (BWO HEJURU Y'UBUMENYERWE)**

### **Abagalatiya 5:22**

**Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka.**

Kwihangana mu kigiriki ni “makrothumia”, bifite aho bihuriye no Kwihangana, gushikama, Guhozaho, ndetse no kwifata. Hamwe na “makrothumia” ugira umuhate wo guhagarara wemye mu gihe cy'amakuba. Hamwe n'imbaraga nyinshi n'umuriro mwinshi muri wowe, ntugatume ikibazo kikurusha imbaraga, Reka imbuto y'umwuka iri muri wowe itembe kugira ngo irohamishe imbaraga z'umwijima.

Hagarara wemye gihe gisigaye cy'uyu mwaka ni igihe cyawe cyo kwigaragaza; Shyiramo imbaraga. Ufite imbaraga zo kuhaguma utitaye ku byo bakujugunyaho.

Winjiye mu rundi rwego, kandi urwo rwego ruza rukurikiwe n'abadayimoni boherejwe bavuye mu birindiro by'umwanzi ngo bakugabeho ibitero by'iterabwoba. Gusa wowe nturi umuntu usanzwe, ugendana uturemangingo (DNA Y'IMANA) tw'Imana ishobora byose, kandi mwuka wera aba muri wowe. Ntukicwe n'agahinda, kuko abashobewe bakunda abo bashoberana. Ikureho ibyiyumviro byose byo gutsindwa n'umwijima. Ufite ijamba rya Gihanuzi yuko iki ari cyo gihe cyawe. Kanguka uve mu bunbwe ubundi ukorere Yesu ibidasazwe!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mpagaze ku rutare; Sinzarohama. Umutwe wanjye uzaguma hejuru y'amazi. Mbaho ubuzima bw'ubutsinzi mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 5:1

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Zaburi 45:13-48:14

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Kamena 19

## ITORERO RIRAKOMEJE

### Matayo 16:18

**Nanbye ndakubwira nti ‘Uri Petero, kandi nzubaka Itorero ryanbye kuri urwo rutare, kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishobora.**

Umwami Yesu yavuze ijamba rikomeye ashingiye ku ihishurirwa ryavuzwe n’umwigishwa Petero ati”Yesu ni Mesiya,Umwana w’Imana iriho” (Matayo 16:18). “kandi nzubaka Itorero ryanbye kuri urwo rutare, kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishobora”. Ibi bigomba kugutera gushira amanga nk’umukristo. Urusengeru ntabwo ari inkuta enye zigize inyubako igaragara—Ni wowe.Uri urusengeru rw’umwuka wera, icyicaro gikuru cy’ubumana.

Muri uyu murongo.”amarembo” aba avuga kuri gereza,ubuyobozi,imbaraga,ndetse n’ibyakwitambitse imbere byahagurukiye kukurwanya kugira ngo bihagarike iterambere ryawe. Kandi nyamara ibyo Yesu yavuze kiriya gihe biracyafite agaciro n’uyu muni. Nta bubasha n’Imbaraga biva mu bwami bwa Satani bizahagarika amajyambere yawe. Bishobora kugaragara nkaho ntacyo uri kugeraho, gusa ba utegereje—mbere y’uko umwaka urangira,igihe cyawe cyo guhishurwa kizagaragarira bose.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanbye buzingiye muri Yesu. Ngendana ufite ibintu byose mu biganza bye. Sinshobora gutsindwa. Ubuzima bwange buratekanye muri Kristo kandi ndi umutsinzi. Nta marembo y’ikuzimu azahagarika iteraambere ryanbye,mu izina rikomeye rya Yesu!Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n’intumwa 20:28

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 49:1-51:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Kamena 20

## UMUGAMBI W'IMANA W'URUGAMBA UGEZA KU BUTSINZI

### Abacamanza 7:7

**Uwiteka abwira Gideyoni ati “Abantu magana atatu banywesheje amashyi ni bo nzabakirisha, kuko nkugabije Abamidiyani. Nuko abandi bose nibasubire iwabo.”**

Abahanga mu bya Tewologiya(inyigisho z'iyobokamana) bavuga ko Isirayeli yarwanye n'igisirikare cy'abanzi kirimo abagabo 120,000 ku ngoma ya Gidiyoni,mu gihe igisirikare cya Isirayeli cyari kigizwe n'abasirikare bakomeye 32,000 Isirayeli yarushwaga umubare hafi inshuro 4 kuri 1.Nubwo byari bimeze gutyo Imana yategetse Gidiyoni kugabanya ingabo ze ngo zibe abagabo 300 gusa. Mu buzima busanzwe,ibi ntibisobanutse,ariko inzira z'Imana ntizigendera ku busobanuro zigendera ku kwizera.

Gidiyoni yagabanyije ingabo ze nk'uko Imana yabimutegetse kugira ngo urugamba nibarutsinda Isirayeli izamenye ko ari Imana yabikoze,atari igisirikare cyabo gito cyabikoze. Rimwe na rimwe Imana ikura abantu mu buzima bwawe kugira ngo igihe cyo guhishurwa kwawe nikigera izahabwe icyubahiro yonyine. Muri uyu mwaka ubuhamywa bwawe buzaba ari ubuhesha Imana icyubahiro. Wowe Yizere gusa.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umusirikare mu gisirikare cy'Umwami,kandi Umugaba w'ingabo wanjye ndamwizera byuzuye. Nta mwanya nzaha ibishuko by'umwanzi. Imana yanjye ni Imana y'intambara Kandi izahaseruka ku bwanjye! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

1 Samweli 14:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 51:10-54:7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Kamena 21

## NEZERWA

### Yakobo 1:2

**Bene Data, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe.**

Icyanditswe cy'uuyu muni kidutegeka kwemera ko ari iby'ibyishimo rwose mu gihe tuguwe gitumo n'ibitugerageza bitari bimwe. Ndabizi biragoye kumwenyura mu gihe Nyirinzu ari gukomanga ku rugi rwawe umaze amezi atandatu cyangwa arenga utaramwishyura, cyangwa se uyu mwaka utarakubereye nk'uko izina ryawo riri, bikamera nkaho i kuzimu harekurewe ngo uterwe kuva ku muni wambere.

Ahari wabuze akazi kawe, urushako rwawe ruri guseniyuka, abana bawe bafite imyitwarire idahwitse, n'umutungo wawe warakamye, Reka nkuhe icyizere: Ijambo rya Gihanuzi ry'Imana ry'uuyu muni ni irya nyaryo kandi ntirizananirwa cyangwa ngo ritsindwe. Imana izi ikibazo cyawe. Ibona ibibazo byawe ariko igushishikariza Kunezerwa kubera ko izi kuva ku iherezo ugasubira mu itangiriro. Ibyo uri kunyuramo bikubera nk'ibuye ukandagiraho uzamuka mu rundi rwego rw'ubwiza. Mu mpera z'uuyu mwaka, Uzarabagirana cyane kandi cyane mu Izina rikomeye rya Yesu. Amen.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye ni ubuzima bw'ubutsinzi. Nzasumba ibingerageza byose. Igihe cyanjye cyo kwishima kirageze. Nzishima kandi nzanezerwa mu mwami. Imana ihimbazwe!

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 5:3

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Zaburi 55:1-57:3

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Kamena 22

## IMBUTO Y'INDA YAWE

### Amaganya 2:19

**Haguruka uboroge mu ijoro,Uhereye igihe batangirira izamu.Usuke umutima wawe nk'amazi imbere y'Uwiteka,Umutegere ibiganza ku bw'amagara y'abana bawe bato,Baremberejwe n'inzara mu mahuriro y'inzira zose.**

Icyanditswe cy'uyu muni kikubwira “gusuka umutima” wawe mu isengesho. Ijambo ryakoreshejwe ry'icyongereza “out” riva ku ry'igiheburayo shapak bisobanura gusuka umujinya—nk'uko Yesu yasengaga mu busitani bw'i Getsemani,abira ibitonyanga by'amaraso mu buremere bw'isengesho rye.Abana bawe bashushanya ahazaza n'ibyiringiro byawe.Iyo umwanzi ari kubahiga,ujuje usuka umujinya wawe mu isengesho,ubundi ubwire Satani ko atazabona abana bawe.

Uyu muni nsengeye abana bawe. Ntibazicwa n'inzara,ntibazacogora,ntibazishora mu bigare. Nuja usengera abana bawe,ujuje ubikora mu ijoro bukijimye- mu masaha ya nijoro. Uhatirize mu isengesho n'umutima wawe wose. Sunika mu isengesho n'imbaraga nyinshi. Satani azakura amaboko ku bana bawe,kandi umuryango wawe uzarimba izo guhimbaza muri uyu mwaka mwiza.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndashyiraho imipaka yuko umwanzi atazigera ayirenga ngo agere ku bana banjye. Ndatara urukuta rw'uburinzi uko basohoka ndetse n'uko binjira. Nzaba Umubyeyi wuzuye umunezero none n'iteka ryose. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 28:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 57:4-60:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Kamena 23

## IKIBAZO CY'UMURYANGO

**Yohana 6:42**

**Bati “Uyu si we Yesu mwene Yosefu, ntituzi se na nyina? Ni iki gituma avuga ko yavuye mu ijuru?”**

Mpora mbwira abantu yuko bagomba kuba ibyihebe mu isi y'umwuka, ndetse ukaba n'icyamamare mu ii y'umwuka. Uko uri mu nzira ujya guhagarika karande zateye mu muryango wanyu, ntuzatungurwe nubona umuryango wawe ugukwena bakanakwanga. Ni imiterere y'umuryango ko bakwena uzababera umucunguzi. Menya ko na Yesu yanzwe n'abo mu bwoko bwe!

Urabibona, Ni imiterere y'umuryango ko bagukwena kubera ko kuba begereye uwazizwe amavuta byapfukiranye ibitekerezo byabo. Umuryango ukwisanzuraho cyane, ukakumenyera rero akenshi na kenshi bikabagora kumenya iby'umwuka rimwe na rimwe bakaba banasigazwa inyuma. Ufite inshingano yo gusengera umuryango wawe n'abo ukunda. Senga ngo bamenye ukuri kandi bafate ku migisha myinshi y'Imana iri ku buzima bwawe muri uyu mwaka.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ntwara inkuru nziza; nta kintu nakimwe kizanca intege ngo mve mu muhamagaro wanjye. Urumuri rwiza ruri muri njye ruzamurika kandi rwirukane umwijima wose mu muryango wanjye ku bw'icyubahiro cy'Imana, Mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 4:22

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 61-64

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Kamena 24

## **RYAMA GAKE USENGE CYANE**

**Matayo 13:25**

**Nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.**

Umwanzi turwana na we akora cyane mu ijoro! Satani n'abambari be bakora nijoro bakabona ibisubizo ku manywa mu gihe abakristo bari bari kugona mu bitotsi! Nta muntu ugutinya kubera ko ubukristo bwawe bworoheje cyane! Umukristo udasenga ni umukristo utagira imbaraga. Ndi hano ngo ndere intare! Ijambo ry'Imana riravuga ngo Turi abami n'abatambyi, si abamikazi! Umutambyi w'urugo aritegura akabwira ibitotsi gutegereza mu gihe ari guhangana na Satani mu ijoro igihe ahuze.

Ubaka ubushobozi bwawe n'imytwarire mu gihe cyo gusenga ku bw'umuryango wawe n'ubucuruzi bwawe ngo burumbuke. Ntabwo wakagombye kuba uryamye ijoro ryose mu gihe umwanzi ari kuguteza ibihombo, maze aho ubyukikye ukaba uri kugenzura ibyangiritse gusa! Amaso yawe yime gusinzira kugeza igihe uboneye amamiliyoni n'amabiliyoni y'ama dolari cyangwa andi bingana muri konti zawe za banki, kugeza igihe iyo kanseri igendeye, kugeza igihe ubwo bukene bugurutse bukava mu muryango wawe, ntibunagaruke mu izina rya Yesu! Amen.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nzanga ko ibitsike byange bigoheka kandi nange gusinzira mu gihe igisekuruzwa cyanjye gikeneye ubuyobozi bwanyje. Iki nicyo gihe cyanjye ngo ndabagirane, Nzasenga kandi igitangaza cyanjye kizaboneka ku gicaniro nta gutsindwa muri uyu mwaka mu izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 13:39

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 65:1-68:4

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Kamena 25

## MPA UYU MUSOZI

**Abacamanza 5:20**

**Ijuru riratabara, Inyenyeri mu ngendo zazo zirwana na Sisera.**

Hari igihe Isirayeli yagiye ku rugamba. Abagabo b'abanyembaraga kandi b'intwari bipanga ku rugamba kandi imirwano yari yakamejeje ku mubumbe w'isi. icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko inyeyeri n'umugezi wa Kishoni byarwaniriyeye Isirayeli. Kabone ko Dawidi yari yarakaye mu gitabo cya Samweli gucyaha umusozi ngo ntuzazeho n'ikime kubera ko wanze kurwanirira Isirayeli icyo gihe bigatuma Isirayeli itsindwa.

Abantu b'umwijima basobanukiwe ibi bintu,nyamara abakristo ntibasobanukiwe ko wavugisha umusozi,imigezi,konti yawe ya banki,ikarita yawe ya banki,kugeza no ku butaka wahinzemo imyaka yawe. Ni cyo gihe ngo utangire uvugishe ibintu bigukikije. Ntugaceceke;tangira uvugishe buri kimwe kigukikije ukibwire ibisubizo ushaka kubona. Muri uyu mwaka amafaranga azumvira amategako yawe. Tangira uhamagare amafaranga ngo agaragare muri konti yawe ya banki. Ni umwaka wo gukurura inkuru nziza ahantu hose!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndavugisha buri kibazo cyose gishaka kunsobanukirwa hasi, mwahisemo umukandida utari we. Sinshobora guhagarikwa, Isi izansunika imbere, Umuyaga uzonyongerera umuvuduko, Nzahagera mbere yuko mubitekereza,kuko ibyaremwe biri ku ruhande rwanyje ngo bindwanirire!Imana ihimbazwe! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yosuwa 10:12

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 68:5-69:4

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Kamena 26

## IGENAMIGAMBI RY'IMANA

**Zaburi 37:23**

**Iyo intambwe z'umuntu zikomejwe n'Uwiteka, Akishimira inzira ye.**

Iki cyanditswe kitubwira ko intambwe z'umuntu mwiza, ziyoborwa n'Uwiteka. Ijambo 'kuyobora' riva mu giheburayo rivuga 'kuwn' bivuze gushinga wemye ,gutegeka,gukomeza,gukosora,guteza,gutunganya,guhaza,gushyiraho. Ibi bidufasha gusobanukirwa ko iyo Imana iguhaye iyerekwa cyangwa umurimo wo gukora ko ikumenyera n'ibizagufasha mu gusohoza uwo murimo. Ituma utera imbere mu iyerekwa yaguhaye nta gutsindwa.

Niba nta bigufasha mu iyerekwa ryawe ry'umurimo ufite gukora,aho haba hakenewe isuzumwa ry'iyerekwa ryawe. Iyerekwa ryatanze n'Imana rikomezwa n'Imana, ari nabumwe mu busobanuro twabonye haruguru.Ubundi busobanuro bwo 'Kuyobora' ni uguteza imbere. Ntiwihebe.Imana yaguhaye iyerekwa nta bushobozi ifite bwo gutsindwa. Ni we uhindura imibereho. Itegere muri uyu mwaka kuko igihe cyawe cyo kwishima kigiye guhishurwa.Imana Ihimbazwe!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nzinjirana ibyishimo by'ubutsinzi uko nkomeza gukurikira iyerekwa nahawe n'Imana. Ubuzima bwanjye buzaba ubuzima bw'ubuhumya,ntabwo nzaterwa n'umwanzi ntunguwe cyangwa guhungabanyishwa n'abo duhanganye bizahagarika amajyambere yanjye,kuko nyoborwa n'Uwiteka! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 18:19

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 69:5-71:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Kamena 27

## **KWIZERA KUDASANZWE KW'INTANGARUGERO**

**Mariko 2:4**

**ariko babuze uko bakimwegereza kuko abantu bahuzuye, basambura hejuru y'inzu aharinganiye n'aho ari, bamaze kuhapfumura bamanuriramo ingobyi ihetswemo icyo kirema.**

Reba uburyo aba bagabo bari bashize amanga! Mu gihe inzira zose zo kugeza inshuti yabo irwaye kuri Yesu zari zifunze—amarembo makuru, umuryango wo mu gikari, yewe n'amadirishya, banze guhagarara. Ahubwo, babaye abanyabukorikori bashaka undi muryango wo ku gisenge! Reka nkutere imbaraga uyu muni—igitangaza cyawe cyavuye mu maboko y'Imana kera cyane!

Hatitawe ku bisitaza bihagarika Viza yawe, amasezerano, cyangwa se izamurwa mu kazi, bizaza mu gihe gito. Nibatekereza ko bafunze umuryango w'imbere, uwo mu gikari, cyangwa amadirishya, aho uzinjirira ujya ku gukomera kwawe hazaza mu buryo butamenyerewe. Igitangaza cyawe kizashaka ubundi buryo kikugeraho, rero ntukibaze ngo gute. Imana iri guca inzira aho bisa nkaho ntazihari. Icyawe kizinjirira mu w'ibiyhutirwa kivuye hejuru ngo kikugereho! Amen.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nteguiwe ubutsinzi; Ubuzima bwanjye ntabwo buzarangira gutya. Nzaba umuntu uhumeka, ugenda, ubyina, usakuza imirimo n'ibitangaza, mpesha Imana icyubahiro! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 5:19

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 71:17-73:20

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Kamena 28

## KWIZERA KUGARARA

**Luka 5:20**

**Abonye kwizera kwabo aravuga ati “Wa mugabo we, ibyaha byawe urabibabariwe.**

Kwizera kwagaragara. Kwizera kutanyeganyezwa kandi gukoreshwa neza kuragaragara. Ni gute ukwizera kwawe kwagaragara? Binyuze mu kugushyira mu bikorwa. Ukwizera kudafite imirimo kubagupfuye, Ugomba gushyira mu bikorwa ibyo wizeye. Kwizera ntabwo gushidikanya ku ijamba ry’Imana, rimwe na rimwe ugomba gukirana n’Ijamba nkuko Yakobo yabigenje. Yabaye uhozaho kandi utanyeganyezwa, akomera ku ijamba kugeza igihe aherewe umugisha kubera ubutwari bwe. Yirengagije ububabare, gucika intege, kurara arwana ijoro ryose. Yakobo yakomeje gukirana kugeza aho izina rye n’ahazaza he hahindutse.

Ikibazo none ni: Imana yabasha kubona kwizera kwawe? Timoteyo yagiye ku rugamba yitwaje amagambo ya Gihanuzi yavuzwe ku buzima bwe. Muri uyu mwaka hari amagambo y’ubuhanuzi yavuzwe ku buzima bwawe. Waba uri kurwanisha ayo magambo ngo uyabone asohora mu muryango wawe, mu bucuruzi bwawe ndetse no muri minisiteri yawe? Ibuka ko imikorere y’ubuntu bw’Imana ntisobanurwa n’ubusobanuro busanzwe, isobanurwa no Kwizera. Akira Igitangaza cyawe uyu muni mu izina rya Yesu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Kwizera kwanjye kuzagaragara; ibinshidikanyisha nanjye ndabishidikanyaho. Ndi uwo Imana ivuga ko ndi we—Ntera imbere, Ntera inkunga Ubwami bw’Imana, kandi ntanga ntangiriye itama, niteguye gutera inkunga ubutumwa bwiza none n’Iteka ryose! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Itangiriro 22:12

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 73:21-76:7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Kamena 29

## IGIHE CY'IMANA NI INGENZI

### 1 Ngoma 12:32

**Abo mu Bisakari b'abanyabwenge bwo kumenya ibihe no kumenya ibyo Abisirayeli bakwiriye gukora, abatware babo bari magana abiri kandi bene wabo bose bumviraga itegeko ryabo.**

Muri buri gihe kigenwe, haba harimo ikusanyirizo ry'amahirwe, kandi hakabamo uburyo bw'inshi bw'ibintu bishobora kuba. Hari ibikorwa biba bigomba gukorwa mu gihe cya nyacyo; bitabaye ibyo ntubone ibisubizo wifuzaga. icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko abana ba Isakari, bari basobanukiwe ibihe, bigatuma abavandimwe babo bumvira amabwiriza yabo.

Hari ibintu bibiri by'ingenzi ugomba gusobanukirwa ku gihe: "chronos" ari cyo gihe dukoresha umunsi ku wundi hakaba na "kairos" Igihe cy'Imana cyagenwe. Iyo kairos yitambitse chronos, ibidasanzwe bishyirwa hejuru y'ibisanzwe, bigahindura urugendo rwawe rw'ubuzima bikazana ukubaho k'ubumana mu bikugerageza by'iyi si. Winjiye mu gihe cya kairos cyawe kandi ibintu biratangira guhinduka mu buzima bwawe aka kanya!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremewe igihe nk'iki ngiki, nkahindukiza ibisigazwa by'ubukene mu muryango wanjye. Mvanaho umuvumo, ndenga impaka, ndenga imbibi, kandi uyobora abandi (intangarugero). Nahawe inshingano z'ubumana zo kurwanya ibindwanya kandi nkatsinda mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Esiteri 1:13

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 76:8-78:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Kamena 30

## **INZIRA Z'IMANA TUZIGERERANYIJE N'IMIRIMO Y'IMANA**

**Zaburi 103:7**

**Yamenyesheje Mose inzira ze, Imirimo ye yayimenyesheje abana ba Isirayeli.**

Abana ba Isirayeli bari mu butayu bageze aho bamenyera imirimo y'Imana. Bakarya Manu bahawe nk'ibiryo byabo. babona inyanja itukura Imana iyicamo kabiri, imyenda yabo ntiyashaje cyangwa ngo icike, ingano y'inkweto zabo yiyongeraga uko bakuraga. Ndetse uko bakuraga n'imyenda yabo yarakuraga! Imana yabahaye inyoni zivuye mu nyanja zibabera inyama ibaha n'amazi avuye mu rutare ngo abamare inyota. Babayeho mu bitangaza bihora ndetse n'ibimenyetso. Iyo yari imirimo y'Imana.

Inzira z'Imana zo zisaba ko ugirana umubano n'Imana. Uyu mubano ukuzwa no kumarana akanya kihariye ukavugana n'Umuremyi wawe, umuramiriza mu kuri no mu mwuka kandi ukamwemerera ko agusubiza. Bijyanye no kumenya Imana ukorera ku giti cyawe, atari ukubona ibitangaza bye gusa. Uyu mubano ukomeza gukura uko usoma ijambo Rye buri muni, ndetse ukumva ijwi Rye. Fata icyemezo kizima umarane umwanya n'Imana kandi ni koko azakwihishurira kenshi muri uyu mwaka.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ijambo ry'Imana ni urumuri rumurikira inzira yanjye. Sinzasitara, kuko ayobora intambwe zanjye uko nkuza umubano na we. Nshaka Imana hakiri kare binyuze mu ijambo ryayo n'isengesho. Uyu mwaka nzamenya inzira ze. Halleluya! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Kuva 33:13

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 78:25-72

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)

# ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO  
UMWAMI W'UBUZIMA BWawe  
MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI IMANA, NJE IWawe MU IZINA RYA  
YESU KRISTO. NIZEYE N'UMUTIMA WANJYE  
WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMA-  
NA NZIMA. NIZEYE KO YAMPFIRIYE KANDI  
IMANA IKAMUZURA MU BAPFUYE. NIZEYE KO  
ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATAZA  
AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI  
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA  
UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE,  
MFITE UBUGINGO BUHORAHO; MVUTSE  
UBWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUN-  
GURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI  
UMWANA W'IMANA. HALELUYA!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA  
W'IMANA.

To receive more information on how you can grow  
as a Christian, please get in touch with us on

**UK: +44 3333 448 612 / USA +1 240 781 6942**  
**RSA +27 51 004 0209**

[www.uebertangel.org](http://www.uebertangel.org) | [www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)

# ICYANDITSWE CY'UBURINZI

## YESAYA 54:

**14** NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CY- OSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

**15** UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA, NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NAN- TERA, CYAKIZAVAMO.

**16** IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI IN- YUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGE- NEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIM- BUZI.

**17** ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INT- WARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYO- MA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO  
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH

# Imurikagurisha ngarukamwaka ry'igihugu cy'InkuruNziza

---

## Kwerekana imirimo ikomeye yakozwe n'Ubwami bw'Imana mu isi!

Imurikagurisha ngarukamwaka ry'igihugu cy'InkuruNziza, ryakirwa n'Umuhanuzi Uebert Angel, yari igikorwa kidasanzwe cyabereye muri Harare Hippodrome iherereye muri Harare, Zimbabwe. Iri murikagurisha ryahaye umwanya ibice bitandakanye bw'umurimo w'Imana ukorerwa muri Spirit Embassy – Itorero ry'InkuruNziza ngo bagaragaje imirimo yabyo y'ingirakamaro banashimangire kwaguka no kugera kure kw'umurimo w'InkuruNziza. Bimwe mu bikomeye byagaragajwe muri iri murikagurisha ni ukwerekana ibyagezweho n'InkuruNziza ya buri muni, aho abaryitabiriye beretse ibikorwa bikomeye iyi nyigisho yagezeho mu gusakaza ubutumwa bwiza ku isi hose. InkuruNziza ya buri muni icyiciro cy'abana ndetse n'icy'ingimbi n'abangavu nabyo byaragaragajwe, bigaragaza uko dukomeje guha ubushobozi urubyaro rukurikiyeho no kubashishikariza ibyiza hakoreshejwe ukuri kwa Bibiliya. Abashyitsi bagize umwanya wo kubona ibitabo bishya by'InkuruNziza ya buri muni babona uko yavuyemo igikoresheho gikomeye kigaburira umwuka mu bihugu byinshi.

Iki gikorwa kandi cyabaye umwanya wo kugaragaza ku nshuro ya mbere ibikorwa bishya byatangijwe, bikomeza gusakaza Izina ry'InkuruNziza ya buri muni mu buryo bushimishije. Uhereye ku ngingo nshyashya zasohotse ukageza ku mbugankoranyambaga nshya zashyizweho, iri murikagurisha ryagaragaje intambwe yatewe n'iterambere ry'iyerekwa riyobowe n'Umuhanuzi Uebert Angel. Hamwe n'ibiganiro bujwe inararibonye, amamurika arimo byinshi bitandukanye ndetse n'ikirere cyuzeye umwuka w'Imana, imurikagurisha ry'InkuruNziza ryarenze kuba igikorwa gisanzwe, ryari umwanya wo kwishimira imirimo y'ubwami bw'Imana. Uko Spirit Embassy – Urusengeri rw'InkuruNziza rukomeje kwaguka, iri murikagurisha ngarukamwaka ni igihamba gikomeye cy'umurimo ukorwa ngo hasakazwe Ubutumwa bwiza ndetse n'ahazaza heza hari imbere!

**Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel**



# GOODNEWS ON THE GO- UKWEZI KWO KUZANA UBUGINGO KURI KRISTO

GOODNEWS ON THE GO yatubereye ikimenyetso cy'ibihe by'ibwirizabutumwa nk'intsinda ryacu kw'isi hose ubwo twitabiraga UKWEZI KWO KUZANA UBUGINGO KURI KRISTO, igikorwa gifite imbaraga cyatangijwe n'Umuhanuzi Uebert. Muri iki gikorwa mpindurabuzima ,itsinda ryacu ryabyiyemeje. ryagiye ku mihanda rifite intwaro y'inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni,bakwirakwiza inkuru nziza bashize amanga kandi bafite ishyaka. Kuva mu masangano y'imigi kugeza mu byaro, ibihumbi by'udutabo tw'InkuruNziza ya buri muni byaratanzwe bikora ku buzima bwa benshi ndetse bibyutsa kwizera mu mitima ya benshi. Uko abantu bakiraga Inkuru Nziza,umubare munini cyane wahaye ubugingo bwabo Kristo, bigaragaza umusaruro ukomeye mu bwami bw'ijuru. Imihanda yabaye ubutaka bwo gusohozaho umukoro, kandi buri muhuro wabaye amahirwe yo gusakaza urukundo n'ubutumwa bw'Umwami wacu Yesu Kristo.





Uyu murimo ukomeye wagaragaje gukomera kwa Spirit Embassy – Itorero ry'InkuruNziza mu kugeza ubutumwa bwiza ku Isi yose. GOODNEWS ON THE GO irenze kuba igikorwa gisanzwe, ni umuhamagaro wo gukora, wibutsa buri mwizera ko kwamamaza ubutumwa bwiza ari ubuzima bwacu bwa buri muni. Uko umumaro waboye ukomeza kwiyongera, twishimira ubuzima bwa benshi buhinduka bityo tukareba imbere ahari imirimo ibikorwa bihambaye byo kuzana ubugingo kuri Kristo!

To see more visit:  
[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)

# INKORANYA Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI



Gushaka Ijambo ry'Imana: gufungura ubutunzi bw'umwuka buri mu nkoranya y'Inkuru Nziza ya buri muni. Mu gushaka ubuzima bushinze muri Kristo byimbitse, kwiha Ijambo ry'Imana bitanyeganyezwa ni ingenzi. Inkoranya y'Inkuru Nziza ya buri muni, Igitabo cyayo cya mbere, itanga ubumenyi butagereranywa muri uri rugendo, ikagabanya mu byiciro ubutumwa bwa Kristo kugira ngo ubyige neza kandi ubisobanukirwe ku buryo byoroshye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel



## BA UMUFATANYABIKORWA UTERA INKUNGA YO GUSOHORA IYI NYIGISHO MU RUNDI RURIMI

Ifatanye natwe mu rugendo rudasanzwe rwo gutera inkunga no gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza kugira ngo twinjire mu mitima ya benshi ku isi yose. Dufatanyirije hamwe, twasakaza ubutumwa bw'inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana muri buri mujyi, buri muhanda na buri rugo mu ndimi nyinshi ziri ku isi. Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twabonye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose. Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

SPONSOR AT: [WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM](http://WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM)

IBONEKA MU NDIMI NYINSHI

# UMUYOBOZI WAVE WA GIHANUZI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsu ubu iboneka mu byiciro by'ingimbi ndetse n'icy'abana, hamwe n'inyigisho yari isanzweho, biguha ubutumwa bwawe bwa gihanuzi buvuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel buri munsu. Izi nyigisho zandikiwe kukuzana ijamba ry'Imana rizima kuri buri wese mu muryango wawe. Inyigisho y'abana ibamenyesha kwizera, urukundo, n'amasezerano y'Imana mu buryo babasha kumva kandi bisanzuyemo, naho inyigisho y'ingimbi itanga ubumenyi bwimbitse bwo kubayobora mu buzima bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga. Buri munsu, ujye wakira ubuyobozi bwa gihanuzi bwaremewe urugendo rwawe n'Imana, mu kigero cyose waba urimo! Ntucikanwe n'aya mahirwe maze ubone inyigisho yawe nta kiguzi uyu munsu.



SCAN ME

BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

# IYEREKWA RYO KUGERA KURI BENSHI KU ISI YOSE RISABA INGENGO Y'IMARI YAKWIRA ISI YOSE ITANZWE NA BENSHI KU ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Mu bufatanye bwanyu budasubirwaho n'inkunga yanyu y'amafaranga tubasha gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni kuri buri gice cyose cy'isi tukabwira abatabizi iby'inkuru nziza y'ihishurirwa ry'Umwami wacu Yesu Kristo nk'uko twigishijwe na Nyakubahwa Umuhanuzi Uebert Angel. Tubasha gusemura, tugacapa, kandi tugasakaza inyigisho y'Inkuru Nziza igihe tugiye mu butumwa, muri campaign ya GoodNews On-The-Go, no muri campaign yo gutera inkunga igihugu cyangwa se ururimi kugira ngo tugeze kure ubutumwa bwiza. Ba umufatanyabikorwa n'umunyamigabane muri uyu mukoro w'isi yose maze wifatanye natwe mu kujyana ubutumwa bw'Imana mu mahanga yose ari ku isi muri iyi Ntumwa yacu, ari yo Inkuru Nziza ya buri muni.

Byanditswe  
n'Umuhanuzi  
Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

PARTNER AT: [WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM](http://WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM)

# IKAZE KU RUBUGA RWACU! BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

SURA URUBUGA RWACU

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

 @GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL



Habwa imbaraga za buri muni no gukura k'umwuka usura urubuga w'Inkuru Nziza ya buri muni. Ibira mu ljambo ryawe rya gihanuzi ry'umunsi maze ukusanye amakuru yahindura ubuzima bwawe. Ntucikanywe n'amahirwe yo kujya byimbitse mu kwizera kwawe ndetse ubone umunezero mu ljambo ry'Imana. Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya buri muni uyu muni!


For more information visit: [www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)

You can also send an email to: [gnd@goodnewsworld.com](mailto:gnd@goodnewsworld.com)


Or Call At: **USA: +1 (240) 781-6942 UK: +44 333 344 8612**

**ZW: +263 773 195 955 RSA: +27 (51) 004-0209**

## BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya munsi y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.



## BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Youtube

Tukugezaho ubuhamya bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku ruguba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri munsi ya mbere, yakoze ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi yabaye igikoresho gikomeye kizana impinduka mu buzima bwite bw'abantu, itera imbaraga abantu, imiryango n'abana zo kubaho ubuzima bufite intego kandi bwuzuye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel



SUBSCRIBE NOW

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



**TheGoodNewsWorld Helplines**

**USA: +1 (240) 781-6942**

**UK: +44 333 344 8612**

**ZW: +263 773 195 955**

**RSA: +27 (51) 004-0209**

[www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)